**IBIRIMO**

IBIRIMO .......... 1

IRIBULIRO .......... 2

1. TURI MU ISI Y'AMARIRA .......... 4

2. AMABANGA ARINDWI YO GUSENGA .......... 7

3. AMATEGEKO ATANDATU AGENGA ISENGESHO RYO MU RWIHERERO ..... 11

4. NA "NEGATIF" NI IGISUBIZO .......... 17

5. IMANA IRABIZI (Imfashanyigisho). .......... 22

6. IBANGA RYO GUHORANA UMUNEZERO .......... 24

7. AHO KURIRA JYA URIRIMBA .......... 31

8. UBUHAMYA BWA YOZEFU SIKIRIVENI (IRLANDE) .......... 38

9. AMATEKA Y'INTUMWA ZA YESU N'URUPFU ZAPFUYE .......... 42

10. IMBARAGA ZO GUSENGA .......... **Error! Bookmark not defined.**

UMWANZURO .......... **Error! Bookmark not defined.**

## IRIBULIRO

Nshuti Nkunda,

Agatabo kanyu ***IBIGANZA BISENGA*** *N° 2* karasohotse nk'uko cyari icyifuzo cya benshi ku bagize amahirwe yo gusoma Akanyamakuru **IBIGANZA *BISENGA N° 1.***

Umugambi w'aka gatabo nk'uko ugaragazwa n'izina ryako ni ukwibutsa abakunzi b'umusaraba ko iki ari igihe kibi kuko abana b'Imana bageze mu ikorosi rikomeye. Umugenzi wese akaba ahamagarirwa gukanguka akava mu iroro ry'ibitotsi (byica arimo) kandi akiyambura imirimo y'umwijima kuko agakiza katwegereye kuruta igihe cyose twizereye (Abaroma 13:11-13 ).

*Ese wari wasoma itangazo riboneka mu Baheburayo 10:37? Iri tangazo ririhutirwa kandi umuntu wese utuye ku isi akwiye kumenyeshwa ibirikubiyemo. Kubw' ibyo rero, Ijuru rikeneye abantu kandi abantu bakenewe ni abantu bazi gukorana n'ijuru icyo ari cyo:*

- Harashakwa abantu b' Imana batagira ikindi batinya keretse icyaha;
- Abantu biteguye kuvuga ukuri bona nubwo bakuzira, kandi bakavuga icyaha mw' izina ryacyo batitaye k'uwagikoze;
- Abantu batagurwa cyangwa ngo bagurishwe;
- Abantu biteguye guhagararira ukuri bona n' ubwo ijuru ryakukumuka;
- Abantu bafite kwizera kumeze nka «Boussole» (Icyuma gifite urushinge ruhora rureba amajyaruguru y' isi: (Ellen G.White, Uburezi, P. 57.) ;
- Abantu bagendera mu mahame akurikira:

  -Aho gukora icyaha Wapfa,

  -Aho kubeshya Wakena,

  -Aho kuriganya Wasonza.

Mbese urifuza kuba umwe mur'abo bantu ijuru rikeneye? Mbese uzi ikiranga abo bantu? Abo bantu barangwa no gufata icyemezo cyo mu rwego rwa gatatu (décision de la 3 ème catégorie) uko ibihe byaba bimeze kose.

Dore muri make amoko y' ibyemezo dufata mu buzima bwa buri munsi:

- Icyemezo gishingiye ku bwoba;
- Icyemezo gishingiye ku gushyira mu gaciro ka nyamwinshi (Selon la logique de la majorité)
- Icyemezo gishingiye ku mahame ya Bibiliya cyangwa «Byanditswe ngo»

**Inkuru ishimishije:** Umwuka w' Ubuhanuzi uvuga ko umuntu wese wiyemeza gufata icyemezo cyo mu rwego rwa gatatu (aricyo gishingiye ku mahame y' ijambo ry' Imana, agahagarara ku cyo Imana yavuze), Imana na Yo yishingira ingaruka z' ibizamubaho (garantir les conséquences fâcheuses qui en découleront). (*Ellen G.White Ministere Evangélique P. 14)*

Nkwifurije kuba muri izo ndatwa Imana yirata.

**UMWANDITSI.**

## 1. TURI MU ISI Y’AMARIRA

Umwanditsi w’icyamamare muri Leta zunze Ubumwe z’Amerika witwa Karoli SANDBURG yaranditse ati: « Ubuzima bumeze nk' igitunguru ugenda umanyuraho akababi kamwe kamwe uko ugakeneye. Ibyo birakokera mu maso ndetse akenshi ukabogoza amarira nyamara mu kanya gato bigashira ».

Ngiyo isi dutuye uko imeze. Ni isi yuzuye amarira. Igitangaje ni uko abaturage bo ku yandi Masi, batazi amarira icyo ari cyo cyangwa kurira icyo bisobanura. Iyi si dutuye yagize ingorane yo kwakira Satani n’ingabo ze. Iyo ni myuka yigometse mu ijuru yirukanwayo. Dutuye ku isi iriho icyaha.

Umwami Dawidi nawe, nk' inararibonye yanyuze mu buzima butandukanye araguhumuriza ati «  Ahari kurira kwararira umuntu nijoro, ariko bwacya mu gitondo impundu zikavuga » (Zaburi 30:5-6 ).

Nawe rero, igihe ugeze mu mibabaro rwagati ufite agahinda gatewe n’ibyago, ndetse ukangwa na bagenzi bawe, ukageza aho ubogoza amarira, ntibikagutere ubwoba ngo wibwire ko uzabihoramo. Ujye umenya ko amakuba azaza, ariko akamara igihe gito nk' uko igitunguru kiryana mu maso, ariko igihe cy' ifunguro ya marira ntiyibukwe ukundi. None se ibyo si ukuri?

Ibihe bibi urimo rero ntibikagukange kuko Ikitahozeho kitazahoraho. Ibyo niko biri : Umubabaro waje ari inzaduka muri gahunda y' Imana. Habanje umunezero kandi hazaheruka umunezero w' iteka ryose.

### *1.1. Ariko ubundi amarira ni iki?*

- Ku mpuguke mu gukora imiti: Ni uruvange rw'imiti n'amazi y' urwunyunyu amatiriye.
- Ku mpuguke mu by' imiterere y'umubiri: Ni itembabuzi rituma ijisho rihora ribobereye.
- Ku muntu utagira icyo atinya: Amarira ni ikimenyetso cy'intege nke.
- Ku muntu w' umunyeraha: Amarira nta gaciro afite. Ahubwo we yakubwira ati: " Twirire twinywere kuko ejo tuzapfa".

***Icyitonderwa***: *Inyamaswa ntizirira cyangwa ngo ziseke. Umuntu wenyine niwe ukora ibyo kugirango agaragaze uko amerewe. Tumenye rero ko kuva amuntu avuka kugeza apfuye ubuzima bwacu bugizwe n'amarira .*

***Urugero:***

- Umwana urizwa n' agakinisho ke,
- Umuntu watwawe n' urukundo akarizwa nuko abenzwe;
- Umugore uririra ku isanduku irimo umurambo w' umwana we.

Ubushakashatsi bwakozwe mu mwaka w' 1990 bwerekanye ibi bikurikira :

« Niba umuntu wese ku isi arira byibura igitonyanga kimwe cy' amarira mu cyumweru (kuko hari abantu barira cyane hakaba n'abatigera barira), turasanga ko mu mwaka umuntu yaba arize Ibitonyanga 52 by' amarira. Ni ukuvuga ko 6.000.000.000. (Miliyari esheshatu) z' abatuye isi barira ibitonyanga 312.000.000 (miliyoni magana atatu na cumi n'ebyiri) z'amarira buri mwaka ». *(Icyiciro cy'Ubugabura n' imirimo y'Itorero ,**Ibibwirizwa byateguriwe Abapasitoro n'Abizera babwiriza ubutumwa**, P. 73-74)*

Izo miliyoni 312 z'amarira zishobora kuzuza ingunguru 100 zifite metero imwe y'ubuhagarike. Mbega amarira menshi!!! .

Mu myaka ijana twaba tumaze kugira umugezi utemba amarira. Koko rero isi

yacu ni ikibaya kidendeje amarira. Mbese urabogoza amarira? Bibwire Yesu. Mbese ujya ugira ubwoba bwo gupfa:  Bibwire Yesu. Arakubwira ati:

- «Ntutinye kuko ndi kumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe nzajya ngukomeza kandi nzajya ngutabara». (Yesaya 41:10)
- «Mu isi mugira umubabaro ariko muhumure nanesheje isi» (Yohana 16:33)
- «Dore Imana ntizata umuntu  w' intungane kandi ntizaramira inkozi z' ibibi».  (Yobu 8:20 )
- «Uwubaha Uwiteka afite ibyiringiro bikomeye kandi abana be bazabona ubuhungiro». (Imigani 14:26)
- «Icyo umukiranutsi atinya ntikizamugeraho ariko icyo umunyabyaha yanga nicyo kizamugeraho». (Imigani 10:24)
- «Dore nguciye mu biganza byanjye nkuca imanzi, uri uwanjye. Nubwo ababyeyi bawe bakwibagirwa, jyewe sinzakwibagirwa». (Yesaya 49:15-16)

## 2. AMABANGA ARINDWI YO GUSENGA

Niba Imana ivuga ngo dusabe tuzahabwa, dushake tuzabona, dukomange tuzakingurirwa, kuki hari amasengesho adasubizwa? None se Imana irabeshya? Nyamara ukuboko kw' Imana ntïkwaheze ngo inanirwe gukiza ndetse n'ugutwi kwayo ntikwigeze gupfa ngo kube kutacyumva neza ahubwo hari amategeko agomba kubahirizwa kugira ngo isengesho risubizwe. Yesaya 59:1-2.

### 2.1. DORE AMABANGA 7 Y'ISENGESHO RYUZUYE KANDI RITABURA GUSUBIZWA

***1. Senga wicishije bugufi nk' umwana muto uvugana na Se.***

Ntugatekereze ko Imana imeze nk' umutegetsi w' umugome kandi w'umunyagitugu. Banza wikuremo izo ntekerezo kuko wihenda cyane. Ukwiye kujya ubwira Imana nk' uko umuntu avugana n'inshuti ye cyangwa umwana ubwira se. Umwana ahora yiringira se cyane ndetse aba azi ko nta kintu na kimwe Ise atashobora. Uzumva abwira se ati : « Papa, ejo uzagure imodoka cyangwa indege tujye tugendamo ; Ubundi ati : «Ndashaka ko ungurira Mobayilo». Umwana ntajya ategura ijambo ryanditse (Discour) aza gusoma imbere ya Papa we, ahubwo avugana na Se ibimuri ku mutima. (Matayo 6 :7-8).

***2. Usenga agomba kuba yumvira Imana***

Icyo dusaba Imana cyose tugihabwa kuko twubaha amategeko yayo kandi tukaba tuyumvira tutayisuzugura (1 Yohana 3 :21-22). Nk'uko umubyeyi wese akunda umwana umwubaha kandi yamutuma akamwumvira, Imana na yo ni uko. Ntinezezwa n'umuntu uyisuzugura buri gihe nyamara yagira ikibazo akajya kuyisaba imigisha. Uwica itegeko ry' Imana arizi ntazategereze ko

Imana izumva ibyifuzo bye. Ntabwo uwo ari amunyakuri. Umuntu utubaha icyo Imana yavuze isengesho rye ni ikizira imbere y' Uwiteka (ritera Imana iseseme) Imana iti : «Bansengera ubusa kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu.... nibatumvira ibihwanye n'iri jambo nta museke uzabatambikira». (Matayo 15:9 ; Yesaya 8:20). Dawidi nawe yatanze ubwo buhamya agira ati : « Iyaba naribwiraga ibyo gukiranirwa mu mutima wanjye, Uwiteka ntaba anyumviye ». (Zaburi 66 :18)

***3. Senga ukurikije ubushake bw'Imana***

Nta mubyeyi n'umwe ushobora guha umwana we icyuma, urwembe cyangwa igishirira ngo abikinishe bona n'ubwo umwana yabimusaba ate. Ntituyobewe ko umwana muto wese icyo afashe ashyira mu kanwa agatangira kugihekenya kuko ari bwo buryo bwe bwo kumva no gusobanukirwa icyo ari cyo. Tekereza rero uwo (mubyeyi) wahereza uwo mwana urwembe icyo rwamukorera!

Impamvu ni uko ababyeyi bakunda abana babo cyane ku buryo batabashyira mu kaga. Data wa twese wo mu ijuru we ahebuje ababyeyi bose bo ku isi. Ntashobora na rimwe kuduha ikintu cyatuzanira akaga kuko adukunda bona n'ubwo twamwinginga dute (1Yohana 5:14-15). Amasengesho y'abantu bamwe ntasubizwa kuko aba yuzuyemo inarijye no kwikunda kandi agamije gushimisha irari ryabo. Imana ishubije bene ayo masengesho yaba ikoze nk' umubyeyi gito utareba kure ndetse ntanatekerereze abana be. Dushime Imana Yehova dusenga ko itameze ityo. «*Umuntu niyoshywa gukora ibyaha, ntakavuge ati Imana ni yo inyoheje ; kuko bidashoboka kw'Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo nayo igire uwo ibyohesha*». Yakobo 1:13. Yarivugiye kandi iti: «*Nzi ibyo nibwira nzabagirira kandi ni ibyiza ntabwo ari ibibi*» (Yeremiya 29:11).

***4. Senga ubishimikiriye, ntudohoke kandi ntuve imbere y'Imana udasubijwe (Priez avec persévérance)***

Ibyanditswe Byera bitubwira ko abakristo bo ha mbere basengaga ubutadohoka. Ntibashoboraga kuva imbere y' Imana badasubijwe. Mu migani Yesu yacaga, akenshi yagiye yerekana ko tugomba gusenga ubudakuraho; ntiturambirwe kugeza tubonye igisubizo. Ongera usome igitekerezo cy' umugabo wagiye gusaba imigati 3 ku muturanyi we saa sita z' ijoro, abo akomangiye bakanga kubyuka. Kuko yakomeje kwinginga ntarambirwe, uwari uryamye yarabyutse atanga ya migati kuko n'ubundi ukomanga yari yamubujije ibitotsi buri kanya akomanga.

***Icyitonderwa:*** *Wibuke ko uwasabaga imigati atari we wari uyikeneye, ahubwo yatabarizaga umushyitsi yari abonye muri iryo joro kandi amerewe nabi bitavugwa. Gutitiriza no kwinginga nk' uko ntikuzabura kugororerwa kuko kuyobowe n' imbaraga y' urukundo rutikanyiza. ( Luka 18).*

***5. Ubwumvikane mu Muryango (Guhuza kw'abashakanye)***

Guhuza kw'abashakanye mu migambi no mu mishinga ni itegeko kugira ngo amasengesho yabo abone gusubizwa. Abagabo basabwa kubaha abagore babo mubyo babagirira, bakibuka ko abafasha babo ari inzabya zidahwanije na bo gukomera kandi bakabubahira ko ari abaraganwa na bo agakiza. Igihe umugabo afata umugore we nk' umucakara, akaba adashobora kumva ibitekerezo bye, ashobora gusenga ariko ntasubizwe bitewe n' ibyo akorera uwo bashakanye: Kuko ari umwirasi, wikubira kandi akaba n'indyarya. N'umugore utumvira umugabo we, umusuzugura ndetse akamuryarya nuko: Azasenga ariko ntazumvirwa bitewe n'ibyo akorera umugabo we. (1 Petero 3:7).

### *6. Kwizera ineza y'Imana n' ubudahemuka bwayo.*

Umuntu utizera Imana ntibishoboka ko ayinezeza kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho kandi ko ikemura ibibazo by' abayishaka bataryarya. (Abaheburayo 11:6). Hari abajya bibwira ko Imana imeze nka bamwe bo muri twe b' abagome, bikubira, badashobora kumva abandi kandi b' abanyabukana. Uko ni ukwibeshya cyane. Ntabwo ari uko Imana iteye. Irivugira ubwayo iti: «Ese wibwira ko meze nkawe? » (Zaburi 50 : 21 ). «Ndi Imana si ndi umuntu» ni ko Umuremyi wacu avuga (Hoseya 11:9 ).

Yesu Kristo yatweretse imico y' Imana: Irera, Irahebuje, Irakiranuka, ni Inyakuri, ni Inyambabazi, kandi ni Inyampuhwe. Ni Imana y' Inyamahoro kandi y'Inyagahunda. Ikirenze ibyo, Imana ni Urukundo. (1Yohana4:8).

### *7. Gutegereza ubutadohoka (Attente persévérante)*

Iyo uvuganye n'inshuti yawe, ukagira icyo uyibaza, ntugenda utumvise icyo igusubiza. Abenshi barasenga ariko mu gihe batarumva icyo Imana ibasubiza bakaba bagiye,imitima yabo yuzuye gushidikanya no gukekeranya. Tugomba kumenya gutegereza igisubizo cy' Imana nk' uko Ijambo ry'Imana rivuga. (Zaburi 130:5, Zaburi 40:1) .

Umuhanuzi Habakuki aduhamagarira kwihangana agira ati: « Naho igisubizo cyatinda ntikizahera, utegereze kuko kuza ko kizaza nta kabuza ». (*Habakuki 2:3).*

Ariko ntugomba gutegereza turi inkorabusa. Igihe ugitegereie icyo wasabye, soma Ijambo ry' Imana kuko Imana izavuganira nawe mu ijarnbo ryayo. Wikwiyumviira ngo witekerezeho ahubwo ganira n'Imana mw'Ijambo ryayo

kuko inshuro nyinshi uzahabwa ubutumwa buhuye neza n’ikibazo ufite, witere hejuru, wongere uhasome, uhace akarongo kandi iryo sezerano izaba iguhaye muri ibyo bihe uzarigenderaho ubuzima bwawe bwose. Burya ijya idusubiriza mu Byanditswe Byera.

**Icyitonderwa :**

*Niwita kuri izi nama n'iri hishurwa wungutse , uzaba wavumbuye amabanga y' Isengesho Imana yubaha kandi itabura gusubiza. Uzabona ko nta kibazo na kimwe isengesho ritabasha gusubiza. Icyakora umenye ko isengesho ubwaryo ridasubiza ahubwo udusubiza ni Yesu binyuze mw’isengesho. Isengesho ni nk’urusinga ruduhuza n’umukunzi wacu uba hirya y’ibicu.*

Ikirenze ibyo byose gusenga bizahindura ubugingo bwawe. Uzitera hejuru uvuge nka Dawidi uti:

- «Uwiteka uri ingabo inkingira ;
- Uri icyubahiro cyanjye kuko ari wowe ushyira hejuru umutwe wanjye ;
- Ndaryama nkisinzirira kuko Uwiteka ariwe unshyigikiye ;
- Sinzatinya miliyari y’igitero cy’abantu banturutse impande zose ;
- Kuko agakiza kari m’Uwiteka kandi umugisha atanga uba ku bantu be». (Zaburi 3:4-9 ).

## 3. AMATEGEKO ATANDATU AGENGA ISENGESHO RYO MU RWIHERERO

Iyo Yesu yabaga yenda gukora igikorwa gikomeye, yazamukaga umusozi ari wenyine agakesha ijoro asenga. Mbere y’uko atoranya intumwa cumi n’ebyiri; mbere y'uko ahinduka ishusho irabagirana; mbere yuko abwiriza ikibwirizwa cyo ku musozi; mbere yuko agirira agahinda mu cyumba yarimo acirirwa urubanza; mbere y’uko abambwa ku musaraba ; na mbere y'uko azukana ubwiza buhebuje; **yabanje kwihererana n’Imana ijoro ryose ayitakambira**. *(Ellen G.White, Rengera Ubuzima 2, P. 109)*.

Isengesho ryo mu rwiherero (Personal Quiet Time) Ni isengesho ritagomba kumvwa n'ugutwi k'umunyamatsiko uwo ari we wese cyeretse Imana yonyine. N'iyo yaba uwo mwashakanye cyangwa umwana wawe hari ibyo batagomba kumva igihe wihereranye n'Umuremyi wawe. Mu rwiherero, umwana w'umuntu yihererana na Yesu mu cyumba akamutekerereza ibye byose, akamwaturira amabanga ye yose nk'uko umurwayi yifungurira umuganga umuvura igihe amutekerereza iby'uburwayi bwe; uko yafashwe n'uko yiyumva abandi bantu bose bari hanze.

Mu rwiherero, ni ho ibisubizo byananiranye bisubirizwa; Mu rwiherero ni ho dusigirwa amavuta ; mu rwiherero ni ho umwana w'ikirara yiyungira na Se kandi ntibitangazwe ; mu rwiherero ni ho abakobwa batanu b'abanyabwenge bahererwa amavuta y'inyongera mu matara mu gihe ab'abapfu bagendana acagase ; mu rwiherero ni mu ruganda rubaza imitima rugaconga n'ingeso ; mu rwiherero ni mu rwambariro rw'abera.

Uwiteka avuga yeruye ko umuntu nabona igihe cyo kuza mu rwiherero na we, Azabona igihe cyo kumusubiza, kandi ibyo azasaba mw'ibanga, azabisubizwa ku mugaragaro anyurwe abantu bose batinye Imana asenga kuko icyubahiro cyayo ari uguha abana bayo ibyiza.

***Icyitonderwa:*** *Umutahajuru w'ukuri wese asenga amasengesho y'ubwoko bune bukurikira:*

-Isengesho ryo mu muryango

-Isengesho ryo mu ruhame

-Isengesho ryo rwiherero

- Isengesho ryo mu mutima

***Dore amabwiriza y’ingrnzi yitabwaho mw’ isengesho ryo mu rwiherero :***

1. **Guhimbaza Imana** : Guhimbaza bivuga kuyisingiza ukoresheje amazina yayo yerekana ubuhangange bwayo n'uburyo ari Irnana iteye ubwoba ikwiye icyubahiro cyinshi no guhindirwa umushyitsi bitewe n’igitinyiro ifite.

   ***Urugero*** *: Tangira uti : «Uwiteka, Mugaba w'amahanga, Mana y’ Aburahamu Mana ya Isaka na Yakobo, Yehova Wera, Byiringiro bya Israeli, Mushumba utazimiza, Mwungeri w’ubugingo, Gitare cya Dawidi, n’ayandi….»*

2. ***Gushima Imana*** *: Komeza uyishime ugira uti : «Ndagushima Data, kuko igihe iki n'iki ubwo nagutabazaga warantabaye». Yibwire uti narakubonye ubwawe uza kuntabara cya gihe natomotswe ibibazo bigiye kumpitana ; Yishime ku bw'ibyiza yagukoreye mu bihe byatambutse, ibyo wibuka ubisubiremo, uyishime rwose ubivanye ku mutima ; yereke ko uzirikana hahandi yakuvanye bene wanyu bigendeye kuko hasabaga ubushobozi bw’iyaguhanze gusa.*

Uzi icyo nasomye ? Ngo Satani ntashobora kwihanganira kuguma Ahantu abana b'Imana bari gutambutsa amashimwe, bashima Yesu bamushimira ubutwari bwe, kugira neza kwe n’uburyo ahambaye kandi ateye ubwoba kurusha intare. Gushimagiza Yesu, Satani n’abadayimoni bumva, ni nko kubajugunyaho ibishirira by’umuriro byaka ! Icyo bakora ni uguhunga ubutareba inyuma kuko batakwihanganira gushya bumva.

3. **Kwicuza ibyaha no kubyatura** : Nk'uko tubizi, isengesho ntirimanura Imana ngo ize aho turi, ahubwo ni twe rizamura mu buryo bwa Mwuka tukarenga ibicu n’ayandi masi tukagezwa ku birenge by’intebe y'Imbabazi y'Imana tukaganira na yo. Ukimara gukoma yombi rero (kuko uwiteka ari Umwami uganje) no kwakirwa, ihutire kwicuza no gusaba imbabazi z'ibyaha byawe. Shyira ku murongo ibyo ukora cyangwa wakoze nawe uzi bitamushimisha ; ingeso mbi yakubāse ikaba yarakunaniye kuyireka n’ubwo abantu baba batabizi ; kandi ubabarire wawundi wanze kubabarira uvuga ngo azabanze agusabe imbabazi.

   Icyaha cyose ucyivuga mu izina ryacyo, kandi ukacyiyemerera udacyicyiye kuko uba wiringiye ko Yesu atazakuvamo cyangwa ngo agucyurire cyane ko aba asanzwe yaragufatiye ibanga ategereje ko ubanza ugahumuka ukibonera ko ingeso zawe zaboze. Mubwire byose rero kandi uhumure nta muntu n’umwe ukumva.

4. **Gusabira abandi** : Kuko wagize amahirwe yo kubonana n'umunyacyubahiro utegeka mw’ijuru no mw’isi, ukwiye kwibuka ko uri mu iteraniro ry'abera bo mu ijuru. Aho rero nta narijye irangwayo, kuko abaho bose buri wese ashyira imbere mugenzi we, we akiherutsa. (Principe d’Altruisme ikinyuranyo cya Egoïsme). Ingingira umuturanyi wawe kubwa za ngorane afite kukurusha ariko akaba atarahishuriwe iri banga ryo kwihererana n'Imana

   **Sabira umwanzi wawe** wawundi mutavuga rumwe, uhora agusebya akanakubeshyera aho ageze hose, wawundi uguhiga ndetse ushobora no kukwicisha abaye abishoboye. Burya na we ni umuvandimwe wawe wagize

ingorane yo kwakira Satani n'abadayimoni bityo bakaba bamukoresha ibyo atazi. Burya ikibazo si we ahubwo umuvugiramo akanamukoresha, uwo ni we ukwanga. Musabire rero kugira ngo Imana Ihindure umutima we ; Musabire umugisha kuko na we akeneye kugutura akaruhuka kuko ananiwe : Burya kwikorera umuntu biraremera.

Nasomye ko iyo ugeze mu rwego rwo gusabira umwanzi wawe, nta mwanzi uba ugifite imbere y'Imana. Ijambo ry'Imana rikomeza rivuga ko igihe tubonye uburyo bwo kumugoboka cyangwa kumutabara na we ageze mu kaga, dukwiriye kumurengera tukamutangaho ibyo atadutangaho, tukamugirira impuhwe n'imbabazi adashobora kutugirira. Icyo gihe ngo tuba tumurunzeho amakara yaka ku mutwe (Abaroma 12 :19-21). Hari uwavuze ngo kugirira neza umwanzi wawe ni bwo buryo bwiza bwo kwihorera bwemerwa n'Imana. « Faire du bien á ton ennemi, c'est se venger d'une manière divine ».

5. **Vuga ibyifuzo byawe** : Mu mwiherero wawe na Yesu, ibibazo byaguteye kuwutegura, cyangwa impamvu nyamukuru, ni yo iheruka ku rutonde. Noneho rero yibwire ibibazo byawe byose wimare agahinda. Ntugire isoni zo kuvuga ngo ese iragira ngw' iki, kuko ni umubyeyi wawe ugukunda kandi asanzwe anabizi burya nta kikubaho atamenya. Yibwire rwose wimare agahinda kugeza igihe wumva ibyo uyibwira bishize, nyuma usoze uvuga uti «Byose mbisabye nizeye ko ubimpera mu izina rya Yesu Kristo», Amen.
6. **Komeza upfukame nk'umunota** : Ubusanzwe, kumara kuvuga amina ugahita upfukamuka cyangwa uhaguruka wiruka, ni ikosa rikomeye ndetse rivanzemo n'ikinyabupfura gicye, kuko n'iyo tuvuganye n'umuntu twubashye hano kw'isi, ntiduhaguruka mu Biro (Bureau) bye tutumvise

icyo adusubiza ku bibazo n'ibyifuzo twamugejejeho. Birasanzwe ko igihe umuntu yakubashye ukavuga aguteze amatwi, nawe umuha akanya ukumva niba hari icyo akubwira. Uriya munota ni ibitekerezo bikomeza kurangamira Imana, bituje : Hari n'igihe ikuvugisha nyuma cyangwa undi munsi kuko ari yo Igena uko Ishaka.

Ishobora kukubwirira mu Byanditswe byera, mu nzozi za nijoro, mw'iyerekwa usinziriye, cyangwa ikakohereza umuntu ukuzanira igisubizo kijyanye n'ikibazo ufite ndetse rimwe na rimwe ntimuba munaziranye. Soma ibya Koruneliyo mu Byakozwe n'intumwa igice cya cumi cyose n'iby'inkone y'umunyetiyopiya wari mw'igare uburyo Imana yamuhuje na Filipo ku bibazo yibazaga (Ibyakozwe 8 :26-40).

## 4. NA "NEGATIF" NI IGISUBIZO

Hari ikintu kintangaza nasanze ku mavuliro menshi : Abarwayi baje kwivuza ntibanezezwa n'igisubizo cya « Négatif » (-) ku bizami by' indwara baba batanze. Abenshi birababababaza, bakivovotera Muganga ndetse bakagera naho bavuga ko iryo vuliro ntacyo rishoboye. Abantu bo mu minsi y' imperuka baragoye cyane. Négatif ntibashaka kuyumva mu matwi yabo, keretse « Positif » (+) gusa niyo gisubizo bemera. Ikibazo umuntu yabaza abo bantu ni iki gikurikira:
Mbese igihe basabwe gutanga ibipimo bya Sida mu by' ukuri baba bifuza ikihe gisubizo hagati ya négatif na positif ? Ibi byo birasobanutse neza. Kuri Sida honyine niho bishimira négatif nk'igisubizo kinejeje gitanzwe na Dogiteri ubifitiye impamyabumenyi y'ikirenga.

Niba hari ikintu abakristo benshi cyane ku isi batinya ndetse badashaka no kumva mu matwi yabo ni Oya y' Uwiteka ari byo «Négatif ». Ni koko oya y'Uwiteka ni umuti usharira cyane ariko haba igihe umuti nk'uwo uba ufite akamaro (**ari éfficace**) kuruta wa wundi uryohereye nk'isukari.
Ubusanzwe ibisubizo by'isengesho biva ku Mana ni bitatu aribyo : Yego, Oya, Tegereza ariko **hari n'igisubizo cya kane** kitazwi na benshi cyitwa « **Igisubizo gihebuje** ». Mu rurimi rw'igifaransa cyitwa « La meilleure réponse » naho mu cyongereza cyikitwa « The best answer ». Iki gisubizo cya kane cy'isengesho ntaho kiba gihuriye n'urutonde rw'ibyifuzo washyize imbere y'Imana kuko ntabwo uba uzi ko kibaho cyangwa ko Imana igukunda bene ako kageni ku buryo yagukorera ikintu nk'icyo, ikaguhindurira amateka.

Usubirishijwe igisubizo cya kane ari cyo igihebuje buri gihe biramurenga, kuko agihabwa ataragisabye : Ntawasaba icyo atazi kuko atamenya uburyo agisabamo.

**Urugero rw'umuntu wasubirishijwe igisubizo cya kane cy'isengesho** :

Umurwayi wari ufite ubumuga bwo kutagenda, agahora yicaye kw'irembo ry'urusengero ryitwa ryiza tubona mu byakozwe n'intumwa 3. Yasabye Petero na Yohana igiceri cy'ifeza kuko yari azi ko gusabiriza ari byo byabaye umurage we kugeza igihe azapfira. Ariko mu buryo butunguranye yumvise Petero avuga ati : Ifeza n'izahabu udusabye ntabyo dufite, **ariko icyo dufite (utadusabye) turakiguha mw'izina rya Yesu Kristo w'i Nazareti, « haguruka utambuke** » ! Uwo mwanya arahaguruka agenda yiterera hejuru ahimbaza Imana. Ibyakozwe n'Intumwa 3 :6. Mbega igisubizo kirenze guhabwa ibyo war'usabye ! Abefeso 3 :20.

***Icyitonderwa*: *Isengesho ryo gusaba kubabarirwa icyaha ari byo « kwihana » niryo sengesho ryonyine ritagira Oya na Tegereza. Rihora ari Yego kuko uwicujije icyaha wese abikuye ku mutima ahita ababarirwa ako kanya.***

***Urugero***: Isengesho ry'igisambo k' umusarabaUbwo uriya mujura yaturaga ibyaha bye akisabira Yesu imbabazi ngo nagera mu bwami bwe azamwibuke, Kristo Yesu yahise amubwira ati : « Uyu munsi ndakubwira ko, (cyangwa nkumenyesheje ko), tuzabana muri Paradizo. Nubwo bahise bakivuna amaguru nyuma bakajya kugishyingura (nk'ingaruka y'ibyo cyakoze), ariko ubu kibikiwe ubugingo buhoraho kuko kizazuka mu muzuko wa mbere w'abakiranutsi. »

**Iyo Imana idusubije oya biba bitewe n'iki ?**

Mu by'ukuri ntawe utifuza Yego igihe tugejeje ibyifazo byacu kuri Data wa Twese. Ariko, igihe cyose icyo cyifuzo kidahuye n'ubushake bw'Imana, uzasubirishwa oya, bona nubwo wakwiyiriza ubusa iminsi 40 utarya, utanywa cyangwa ukarira kugeza ubwo urira amaraso (niba wabishobora)! Igisubizo kizakomeza kuba oya « **catégorique »** kandi ntacyo uzakora ku Mana nta myanzuro wayifatira kuko ntacyo ihabwa n'ukuboko kwawe. Ni yo ikubeshejeho kandi imigambi yayo irakurenze nk'uko ijuru rigusumba. (Yobu 35:7-8).

Gusa Ikizwi n'uko nyuma numara gushira umujinya, kwivovota no kwivumagura bishize mbese umaze gutuza, kwiyakira no kwakira ibyo yaguhaye utashakaga, uzasigara ushima Imana, uyihamye, ubwire abantu ibyiza byavuye muri za ngorane na ya makuba maze wihamirize imbere y'abahamya benshi ko byari ngombwa koko ko bigenda kwa kundi byagenze. Burya rero Imana yacu Isubiza Idasakuje ! Mw'ituza no mu byiringiro niho duherwa imbaraga ntabwo ari mu nduru cyangwa mu kwivovota idusubiriza. (Yesaya 30 :15) ;

**Abantu babiri basubirishijwe « oya »**:

1. **Yesu-Kristo :** Umuhungu w'Imana, ubwo yari ababaye cyane, afite ubwoba kandi akeneye gutabarwa na Se kurenza ikindi gihe cyose babaniye (ari mu gashyamba ka Getsemane), yasubirishijwe «Oya» idasubirwaho. Igikombe ntabwo cyamurenze kuko uwo munsi yaramanitswe, arabarnbwa. Agotomera igikombe cy'umubabaro n'umujinya w'Imana ariranguza kuko nibwo bwari ubushake bikaba n'umwanzuro w'Imana. (Luka 23 :44-48).

***Ikibazo***: Mbese uruta Yesu Kristo wasubirishijwe oya? Ihangane muntu w'Imana wisakuza.

5. **Yohana Mubatiza :** Integuza ya Yesu akaba na Mubyara we ku mubiri (kuko Elizabeti nyina wa Yohana yari nyirasenge wa Bikira Mariya), yatabaje ijuru ari nako atumaho mubyara we Yesu ngo amutabare, amurenganure, amufunguze aho yari afungiye azira guhamya amategeko y' Imana ; ariko Yesu ntacyo yakoze. Yohana wari uzi ko atarara muri gereza mubyara we atamufunguje, yamaze igice cy'umwaka wose (amezi atandatu) afungiye muri Gereza y'Abaroma ndetse mu cyobo cya Herode Antipa, Kristo ntiyamusura kandi yari atuye hafi aho ahubwo yikomereza kubwiriza ubutumwa no gukiza abarwayi*. Ellen G.White Uwifuzwa ibihe byose P………… "*

Yohana Mubatiza ntiyigeze asohoka muri iyo gereza ukundi ahubwo yaciwe umutwe bawuzana ku mbehe mu birori by'umwami Herode wari wakoresheje isabukuru yo kuvuka. Mw' ishyingurwa rya Yohana bashyinguye igihimba kitagira umutwe!. Hano wakwibaza aho umutwe We wagiye n'icyo wakoreshejwe: Wahawe Muka Herode wamwicishije ushobora kuba yaranawutaye mu musarane bakawitumaho! Ibi rero byo birarenze ariko niko kuri kw'amaherezo ya Yohana Mubatiza! Mbega uburyo isengesho rya Yohana ryasubijwe! Abonye abantu barashaririwe cyane n'ibyabaye kuri Yohana, Kristo Yesu yabahojeje ababwira ati : « Nimwiririre uriya ni igikomangoma, arubashywe cyane mw'ijuru ndetse mu babyawe n'umugore ntihigeze kandi ntihazigera haboneka umuruta ». (Matayo 11 :1-12).

***Ikibazo: Mbese uruta Yohana Mubatiza integuza ya Yesu akaba na mubyara w'Imana wasubirishijwe Oya ?***

Imana yari izi ko ibizaba kuri Yohana azabyihanganira. Kwicarana na Yesu-Kristo mw' ishuli rye ry' imibabaro niyo mpano iruta izindi Imana iha indatwa zayo. Yohana aruta abahanuzi bose kandi ni we mukuru mu bantu bose babyawe n'umugore yaba Enoki wimuriwe mw'ijuru adapfuye cyangwa Eliya wajyanywe n'amagare y'abamalayika nta n'umwe uruta Yohana Mubatiza waguye mu nzu y'imbohe. ***E.G.White, Rengera Ubuzima vol. 2, P.94***.

Rimwe na rimwe hari abajya bibaza aho Imana iba yagiye iyo ibyago n'amakuba bitugezeho ndetse Satani akatugaraguza agati. Kuri icyo kibazo, igisubizo cyahuranije ni iki gikurikira : « ***Aho Imana yari iri umwana wayo amanitswe ku giti cy'umusaraba, anagana hagati y'ijuru n'isi, ubwo yabazaga Se ati : « Data, ni iki kikundekesheje », niho iba iri iyo ibyo byose biri kukubaho ».*** Iba ihari, yitegereza ibiri kubera aho, bitayinejeje na gato, ariko Ikemera ko bikubaho. Si Yo iba iri kubigukorera ariko ibyemera kuko haba hari impamvu hakaba n'icyiza kizavuka muri uwo mubabaro nyuma. Muri iki gihe ntiwabisobanurirwa ng'ubyumve, ariko hanyuma uzabyumva. Irakubwira iti: « Tuza, nzi ibyo nibwira nzakugirira ni ibyiza, humura ntabwo ari ibibi» ; Umugore iyo aramukwa, arababara, kuko igihe cye gisohoye : ariko iyo umwana amaze kuvuka, ntaba acyibuka kuribwa kuko anejejwe n'ikivuye muri bya bise : Umwana mwiza uteye ubwuzu kandi usa na Se ! (Yeremiya 29:11 ; Yohana 16 :21 ).

Pawulo na we ati « Kandi tuzi yuko byose bifatanIriza hamwe kutuzanira ibyiza, ibyo Imana yateguriye abayikunda ». (Abaroma 8 :28).

Mbese, muntu w'Imana, wigeze wibaza ririya jambo « byose » ? Byose ni ibiki ? Ni ibyiza n'ibibi. Iteka ryose ibigeragezo biza bihetse ibisubizo.

## 5. IMANA IRABIZI

Hari imfashanyigisho y'umubyeyi wakundaga Imana cyane kandi akayubaha. Yari yarabwiye umwana we akiri muto ko nta kintu na kimwe gishobora kuba ku muntu Imana itakizi kandi iyo yacyemeye kiba ari cyiza uko byamera kose. Wa mwana yakuze akunda kuvuga rya jambo ngo «Imana irabizi» kuri buri kintu cyose cyabaga kimutunguye, ndetse kikamugwirira kuko yari yarigishijwe na nyina ko nta kintu gishobora kuba Imana itakizi ; kandi ko buri gihe haba hihishemo icyiza kitazwi.

Umunsi umwe wa musore yagize ingorane ubwo yari ari kwasa inkwi aho yakoraga akazi ko mu rugo, maze ishoka irakuka yikubita kuri shebuja ku kiganza urutoki rurakomereka cyane ndetse bimuviramo ko baruca. Wa musore asobanujwe ibyo akoze n'impamvu ibimuteye, arasubiza ati: « Imana irabizi » ! Shebuja ntiyabyihanganiye, ahubwo yahise ahamagara abantu baramuhondagura ndetse bamuboha amaboko n'amaguru bajya kumujugunya ku kirwa hagati y'amazi aboherwa ku giti kugira ngo ingona, imvubu n'inzoka cyangwa izindi nyamaswa z'inkazi zizamwicireyo maze apfe nabi, atabasha no kwinyagambura. Banzura ko naticwa n'izo nyamaswa, inzara ubwayo izamwicirayo.

Wa musore nabwo ntiyabarwanyije arababwira ati : «Mukore icyo mushaka icyo nzi ni uko Imana izi impamvu kandi ntimuzatinda kubibona ». Bitahira bishimiye igikorwa bamaze gukora, kuko bihōreye ndetse bakamwumvisha.

Bageze mu ishyamba bahura n'agatsiko k'abasirikare bafite intwaro, ubwoba burabataha. Ba basirikare niko kubabwira bati: «***Twebwe turi muri Misiyo yo gushaka muri iri shyamba , umuntu ucitse urutoki kuko twabwiwe ko ariwe uzaba Umwami w' igihugu cyacu kandi ko tuzamusanga muri iri***

**shyamba ; None muri mwe haba harimo ucitse urutoki ngo ajye kutubera Umwami ? "**, Wa mugabo ati: «Ni jye. Bakibyibonera ko afite intoki icyenda koko, umwe muri ba basirikare yoherezwa kujya gutangaza mu gihugu cyabo ko umwami yabonetse » . Wa mugabo arebye ukuntu gucika urutoki bimuviriyemo kuba Umwami, agaruka kurohora wa musore wamuciye urutoki amusaba imbabazi kandi atangara cyane ati : « Mbese uvugana n'Imana ? Burya wanciye urutoki kugira ngo nzabe umwami w' igihugu gikomeye nk'iki nta yandi matora ? Wa musore aramusubiza ati : iteka ryose nakubwiye ko Imana iba izi impamvu. Uyu musore ni we wabaye umujyanama w'Umwami, bombi bayobora igihugu kitari icyabo.

***Menya ibi :*** *Umwana w' umuntu ntashobora gusobanukirwa n'impamvu y'ibyago, akaga, impanuka cyangwa izindi ngorane igihe cyose akibirimo. Ahubwo iyo birangiye nibwo asobanukirwa n'ibyiza ako kaga kamuzaniye. (Umubwiriza 11:5).*

***Urugero*** *: Imana yari izi ko kugira ngo uriya mugabo azabe umwami,* ***«La condition sine qua none»*** *(byanze bikunze) kwari ugucika urutoke. Ntiwari umuvumo rero ahubwo byari umugisha, Icyari ubusembwa cyahindutse ishema ryo kwirata.*

Nawe rero izere Imana kandi uyishimire mu bikubaho byose kuko ari byo bidukwiriye. Umenye ko ikigeragezo cyakiranywe gushima, kunyurwa no kwihangana gihindukira nyiracyo umugisha. Kugeragezwa si icyaha, icyaha ni ugutsindirwa mu kigeragezo. Ntukivovote rero kuko ingorane yose iba iherekejwe n'icyiza kiyiri inyuma. Imana iba izi impamvu: Yesaya 41 :10; 1Abakorinto 10:13-14; Umubwiriza 3:1-8; 7:14; Yobu 11:16-19.

## 6. IBANGA RYO GUHORANA UMUNEZERO

Inshuro nyinshi tuvuga ko abantu ari bo batubuza amahoro ; bagatuma turakara ndetse bikadutera guhangayika. N'ubwo ku ruhande rumwe ari byo ariko ku rundi ruhande umuntu ni we ubwe wibuza amahoro cyangwa akayiha bitewe n'ibyo yinjiza mu ntekerezo ze, nazo zikarema ibyiyumviro. Iyo wishyizemo ko kuri iyi si nta cyiza kiyibonekamo, koko buri gihe uzajya uyibonamo amahwa n'ibisozi by'ibiharabuge bishaka kukugwa hejuru kuko wabyishyizemo nyine.

Nyamara abandi bayibonamo uburabyo buhumura neza, bufite amabara aryoheye ijisho ; udusozi twiza Imana yaremeye umuntu, wagira ngo turuhagirwa; ibiyaga byiza n'imigezi ituje witegereza ubwonko bukaruhuka maze imishinga igatangira kwitereka imbere yawe. Muri iyi si rero, uzareba icyo ushaka kureba kandi icyo uzishyiramo kubona ni icyo uzabona.

Mbese ntibibabaje guhanga amaso amahwa y'imishubi n'ibitovu kandi iruhande rwayo hari uburabyo bw'amabara meza bunezeza umutima ? Hari umuhanga wavuze ko **udashobora kubuza inyoni kuguruka hejuru yawe, ariko nta n'umwe wazemerera ko zimwarika ku mutwe !** Ibitekerezo ujye ubifata nka ziriya nyoni. Twaremanywe ubushobozi bwo kwirukana ibyiyumviro bibi, ntukemere ko ibitekerezo bibi bigutindamo ahubwo jya ubyirukana maze winjize ibyiza. Ntuzongere kuvuga ko amahoro udafite wayabujijwe n'umuntu : Niba yaraharaniye kukubuza amahoro akabigeraho nuko nawe ntayo wihaye. Tangira rero ugisoma iyi nyandiko wiheshe amahoro n'umunezero wari wariyimye kandi ikibi ntikikongere kukunesha ahubwo unesheshe ikibi icyiza ( Abaroma 12 :21).

**Mbese urashaka kujya uhorana umunezero mu buzima?**

**Dore amahame atatu uzagenderaho :**

***Ihame rya mbere*** **:**

Ubusanzwe umunezero ni ukuba uguwe neza mu bya mwuka, mu by'ubwenge (Intekerezo), mu by'umubiri no ku bigukikije (ibintu cyangwa abantu). Mu rurimi rw'icyongereza iryo jambo ni « **Joy** ». Dore ubusobanuro bw' izi nyuguti eshatu z'icyongereza zisobanura Umunezero :

**J: Jésus**
**O: Others**
**Y: You**

Ibi bikaba bisobanurwa ngo: Yesu; Abandi; Wowe.

***Icyitonderwa*** *: Igihe ubuze umunezero mu bo muri kumwe; jy'ureba neza niba ziriya nyuguti zikurikirana uko bikwiye. Akenshi uzasanga ingorane iri kuri wowe. Ahari urikunda cyane, ugaharanira kwibanza kandi mu by'ukuri uwambere ari Yesu,uwakabiri ari mugenzi wawe, uheruka akaba wowe.*

***Ihame rya kabiri:***

Mu mibare hari ibyo bita « imibare – fatizo (les quatre opérations fondamentales) imibare yose ishingiraho ariyo**:** Guteranya **(+),** Gukuramo **(-),** Gukuba **(x),** no Kugabanya **(÷).** Iri ni ihame kizwi na bose abari ku isi bose bashingiraho babara kandi bikaba bitagishwa impaka.

Mu buryo bw'Imana naho hari imibare - fatizo itatu cyangwa « les trois opérations fondamentales ». Iyo mibare iroroshye ariko ikibabaje ni uko izwi kandi igashyirwa mu bikorwa n'abantu bacye. Iyo mibare ni iyi ikurikira:

1. **Imana** **:** Imana ni yo ikwiye kuba iya mbere mu byo ukora byose.
2. **Umuntu** **:** Umuntu afite umwanya wa kabiri nyuma y'Imana. Niwubaha umuntu kuruta uko wubaha Imana bizakubera icyaha (Ibyak. 5 :29) .
3. **Ibintu** **:** Ibintu cyangwa «Materiel » bihora ku mwanya wa gatatu**.** Ntuzigere ukora ikosa ryo kugereranya umuntu n'ibintu.Waba ugereranyije ibitagereranywa. Umuntu arahenda cyane kuko agaciro ke kangana na Kaluvali : **Ikiguzi cy'umuntu ni amaraso ya Yesu**. Wibuke ko nta mubare w'amafaranga uriho cyangwa uzabaho yagura umuntu.

   Kubera iki ? Amafaranga y'inoti akorwa mu biti naho ibiceri bigakorwa mu mabuye. Ariko umuntu yaremwe mw'ishusho y'Imana ; ni ubwiza bw'Imana niyo mpamvu atagereranywa na biriya bikoresho twifashsisha mu buzima. Umuntu ni «extra-commercial ».

***Icyitonderwa***:*Niwihenda ugacurika iyi mibare, mu by' ukuri bizakurushya kuko utazigera ugira umunezero na rimwe kandi ikigeretse kuri ibyo uzahamagarwa mu rubanza ku munsi w'imperuka kugira ngo utange ibisobanuro by' uburyo wabaraga n'aho wigiye ayo mashuri acuritse.*

Ikibabaje nuko abantu bamwe bakoresha abantu kugira ngo baronke ibintu mu gihe bagombye gukoresha ibintu kugira ngo wunguke inshuti. Herodiya abwira umukobwa we w'umwangavu witwa Salome ati : kugira ngo nzashobore kurya k'umutungo (w'umwami Herode) bwira So ko wifuza igihanga cya Yohana Mubatiza ku mbehe ! Umwana arabikora, Yohana aricwa kugira ngo nyamugore yambare ikamba ry'umwamikazi ! Igitangaje ni uko atanabigezeho kuko ubwo bugome bwateje amakimbirane hagati ye na

Herode maze aramwirukana. Ngo n'iyo Herode yatekerezaga uriya mugore gusa, mu mutwe we hahitaga haza igihanga cya Yohana Mubatiza wishwe azize kuvuga ko bidakwiriye ko Umwami atwara umugore w'umuvandimwe.

Ntabwo wamena amaraso y'inzirakarengane ushaka ibintu ngo bikugwe amahoro. Ibyo bintu ntuzabirya kuko uzahanishwa kuba « Nduhire abandi » kandi abazabirya ntuzigera ubamenya. Herodiya ntiyigeze abana na Herode nyuma y'urupfu rwa Yohana Mubatiza nk'uko Yuda Iskariota atigeze amenya icyo ibiceri mirongo itatu yahawe ngw'agambanire Yesu byakoreshejwe. Bibiliya itubwira ko byaguzwemo irimbi ryiswe « Isambu y'amaraso » ariko kandi igitangaje n'uko mu gihe uwagombaga kuritaha kuko ari n'irye, ari we Yuda, atigeze ahambwa ahubwo yariwe n'imbwa ! *(Uwifuzwa Ibihe Byose………)*

***Ikibazo :*** *Mbese iyo urebye inyota y'ubutunzi ufite, ubona witeguye kunyura mu nzira zemewe kugira ngo ubugereho ? Cyangwa ugiye guhitana ubuzima bw'uwo ukeka wese ko abangamiye ibyo urarikiye ? Herodiya na Yuda Iscariota bakwiye kutubera akabarore.*

***Ihame rya gatatu :***

***Uko wakwifata ugeze mu ngorane :*** Rimwe na rimwe, Hari ubwo ingorane, imiraba n'ibyago bitwikubitaho bimeze nk'umuvu ugiye kuturenga hejuru. Nibigenda bityo, uzajye imbere y'Imana wihererane na yo upfukame maze uyitabaze uyigisha inama uko wakwitwara kugira ngo usohoke muri ibyo bihe bigoye urimo.

***Mbese uzi uko Imana izagusubiza?***

Izakubwira ngo «**Push**» aribyo bivuga ngo «**Sunika**». Dore uko abahanga bagenekereje ku busobanuro bw' inyuguti enye z' icyongereza zigize ijambo ″push″ ari byo bivuga ngo sunika.

**P: Pray**
**U: Until**
**S: Something**
**H: Happens**

Ni ukuvuga ngo «Senga kugeza ubwo hagira ikintu kiba». Mu gifaransa biravuga ngo : « Priez jusqu'à ce que quelque chose se fasse ». Ikintu cyose uburiye ubusobanuro ukakiburira n'umuti, jya usenga, wongere usenge, nturambirwe kugeza ubonye igisubizo. Bamwe muri twe iyo tugeze mungorane duhuragura amagambo menshi twibwira ko aribyo bikemura ibibazo dufite ariko ugasanga ibiri amambu kuvuga cyane byazongereye. Twari dukwiye kugabanya amaganya n'amagambo ahubwo tukongera amasengesho kuko ari Yesu Kristo wenyine ufite urufunguzo rw'ahazaza hawe. (His Juses …….)

Tumwegere rero duciye bugufi, ubwibone, ubwirasi n'ihinyu tubite kure maze, uwo muhanga Yesu abwire iyo miraba yasheze ngo « ceceka, Tais-toi, be quiert ». Icyo mukundira ni uko avuga rimwe gusa atajya avuga kabiri maze byose bikamwumvira bigatuza.

## IMFASHANYIGISHO : UMUNTU WABWIWE GUSUNIKA URUTARE !

Hari imfashanyigisho y'umugabo Imana yohereje kujya gusunika urutare kandi ntabikore rimwe cyangwa kabiri ahubwo buri munsi kuva mu gitondo kugeza nimugoroba. Uyu mugabo ngo yari umushomeri (chômeur) kandi agahora arwaragurika ku buryo imiti yari igiye kumwica n'amafaranaga yaramushizeho.

Iyo abandi babyukahgga bajya ku kazi we yajyaga gusunika rwa rutare, agasumikaaaa, byageza nimugoroba agataha, ejo agasubirayo, icyumweru kirashira, ukwezi, abiri, atatu. Ubwo yongeraga guhura n'Imana yari ababaye cyane niko kuyibwira ati: « buri munsi nsunika urutare nk'uko wabintegetse, ariko reka nkubwire icyambabaje kurenza ibindi byose : « **N'uko navunikiye ubusa kuko urutare rutigeze ruva aho ruri haba ngo runanyeganyege** ».

Imana iraseka niko kumusubiza iti: «Icyo nakubwiye ni ugusunika urutare ntabwo ari ukuruvana aho ruri!» Ariko ubwo uzi ukuntu uwo mugabo yari asigaye ameze noneho? Yumusore mwiza w'inziramuze, ukomeyew'ibigango ufite amaboko aharaze imitsi, igituza cye gikomeye mbese yarahindutse umu jeune w'i geant. Ucyeye mu maso kandi ushimishije. Mu gihe mbere atarajya gusunika, kari akagabo kananutse, kashaje, kajyenda kenda kugwa kandi gahora karwaragurika.

**Ikibazo cy'amatsiko:** Kuki Imana yategetse uriya mugabo gusunika urutare?

**Igisubizo:**Yari ari muri siporo atabizi !Mu gukora iriya myitozo ngororamubiri, uko yabiraga ibyuya ni ko imbuto z'indwara zasohokaga mu mubiri Imana yashubije ibibazo bibiri icyarimwe : Kumubonera icyo akora (akazi yasabaga) no gukora igororangingo.

Muntu w'Imana rero, niba ufite ibibazo by'ubukene, ubupfakazi, ubupfubyi,

uburwayi, ubushomeri n'ibindi birushya bitari bimwe, urabwirwa ngo **Push**, **Sunika**. Ntukarekure Imana itaguhaye umugisha. Ijuru rikeneye abantu ba Rwihambira bizirika ku Mana kugeza bamenye icyo yabavuzeho kandi bagahindurirwa n'amazina nka Yakobo umunyamanyanga wahinduriwe icyarimwe amateka n'izina akitwa « Israeli » bisobanura igikomangoma cy'Imana.

**Hari ibintu bitatu bigendana n'abasenga :**

- Iyo usenga kenshi, ugira imbaraga nyinshi (**More prayer, more power**)
- Iyo usenga rimwe na rimwe, ugira imbaraga nkeya (**Less prayer, less power**)
- Iyo utajya usenga na busa, nta mbaraga na nke ugira mu bya Mwuka (**No prayer, no power**). Burya koko ubutarya burinanura kandi umudiho ukava mw'itako.

Umwanditsi w'umuhinde witwa Sishree Tajiparki mu gatabo ke yise 365 Happy Quotes Page … yagize ati : "Ntabwo gusenga byigeze biba ikibazo cyangwa umutwaro ku muntu uw'ari we wese ahubwo gusenga ni igisubizo cy'ibibazo byose (***Prayer is not a question but the answer***). None se kuki tudasenga kandi twugarijwe n'ibibazo impande zose? Kuki tudatabaza Iyavuze ngo muyikoreze amaganya yanyu kuko yita kuri mwe? Wari uzi ko n'iyo utasubizwa ako kanya umutwaro wari ugutsikamiye ukuvaho ukigendera kuri iyi si ya Rurema wemye kubwo kwiringira uwo wikoreje ibyawe akaba abikubereyemo? ***Wimuvangira rero kuko ntabwo uzasenga ngo unisubize.*** Gabanya amagambo kandi utuze utegereze**.** *"Mw;ituze no mu byiringiro nimwo muzaherwa imbaraga***. Yesaya 30:15***

## 7. AHO KURIRA JYA URIRIMBA

Indirimbo zifite umwanya w' ingenzi muri gahunda yo kuramya yo mu buturo bwera bwo mu ijuru. Indirimbo zifite imbaraga ikurura ibitekerezo by'abantu kandi ikabihindura mu buryo abantu badatekereza. Indirimbo ni intwaro ikomeye abantu barwanisha kandi bagatsinda urugamba abandi bakagera ku byo baharaniraga bakoresheje kunyuza ubutumwa bwabo mu ndirimbo. Indirimbo ni cyo kintu gifata umwanya wa mbere mu kurwanya gucogora no kwirukana ubwoba bukurimo. Kuririmba ni umurimo abamalayika bahora bakora bari imbere y'Imana kandi ntibabirambirwe kuko bibamo uburyohe, n'umunezero uhanitse. Hahirwa umuririmbyi ubikorana kwicisha bugufi nta bwibone bumurangwamo.

***Akamaro ko kuririmba***

Abenshi tujya dutabara ahabaye ibyago bapfushije umwe mu bari bagize umuryango. Nk'uko nawe wabyiboneye, amagambo aba yakamye yashize ivuga keretse kuririmba. Rimwe na rimwe haba ubwo abana b'Imana baririmba, bakaririmba noneho ukabona n'uwapfushije ni we uri kuvuga ngo « Halleluia » abandi bati amen. Mbese byagenda bite abantu bagiye gutabara ntihagire n'indirimbo n'imwe iririmbwa, ahubwo bose bakubika imitwe abandi bakitangira itama? Ubanza hatashyingurwa uwo twatabarijwe gusa ahubwo hashyingurwa benshi kubera kwiheba no gushenguka kuko urupfu ruratinywa.

Sinzi niba warigeze ubona abasirikare bagiye ku rugamba morale baba bafite. Bagenda baririmba nk'abagiye mu bukwe; ikinimba, n'amashyi ari urufaya ari nako berekana ko batindijwe no kugera aho batabariye. Mbese utekereza ko

batararirimbye byabagendekera bite ku rugamba? Ariko indirimbo z'ubutwari no kunesha umwanzi zibaremamo izindi mbaraga z'indengakamere, zikabarinda ubwoba no kwiyumvira maze bagera kw'itabaro koko bagatsinda bitewe no gushyira mu bikorwa ibyo buri wese yaririmbaga.

***Imbaraga iba mu ndirimbo***

1. Kuririrmba birwanya gucogora kandi bikongera ubutwari ;
2. Kuririmba bidufasha kwikomeza igihe tugeze mu bihe bikomeye ;
3. Kuririrmba bibasha kurwanya umuntu kandi bikamutsinda nta kindi akoze ;
4. Kuririmba ubivanye ku mutima ni ugusenga kabili kuko ari igikorwa cyo Gusenga no Guhimbaza ukorera icyarimwe;
5. Kuririmba byirukana ubwoba buri mu muntu kandi bikarwanya kwigunga n'intekerezo zijwagaraye ;
6. Iyo uririmbye uba ucyuriye Satani bikomeye kuko uba umwibukije impano nziza y'agahano yanyazwe, Igihe uririmbye abura aho akwirwa, agahinda umushyitsi, agahunga kuko adashobora kuguma aho urimo guhimbaza Yesu yanga.

## *A. NI RYARI UMUNTU YARIRIMBA ?*

Korali imwe iherutse kuririmba indirimbo yari irimo amagambo yamfashije cyane avuga ngo : « Mu munezero no mu byishimo nzagushima Mana. Mu byago no mu makuba nzahamagara izina ryawe kuko nabonye ukoboko kwawe gukomeye». Mu gihe cy'umunezero jya uririmbira Imana utambe igitambo cy'uko uri amahoro ; Mu gihe cy'akaga n'amakuba jya ujya mu cyumba cyawe utabaze Imana wiherereye.

Muntu w'Imana, ntukajye wibabariza umutima ujye wiririmbira kenshi indirimbo zo guhimbaza Imana zizakwihutisha ubutayu bw'ibibazo maze wigerere hakurya.. Kwitekerezaho cyane birakwangiza kandi umenye ko uwo ari wo mugambi nyamukuru wa Satani uba waguteje ibibazo n'ingorane.

Abahanga mu by'imitekerereze bavuga ko iyo utekereje cyane hari udutsi duto two mu bwonko ducika ; Iyo ducitse, uba ugize ibyago kuko tudashobora gusanwa cyangwa ngo dusimburwe. Ingaruka ikugeraho ni uko ubwonko buba butazongera kugira ubushobozi bwo gufata ibyemezo nka mbere. Rekera aho kwiyangiza rero ahubwo ingorane urimo jya umenya kuzitega iminsi kuko igihe aricyo kirangiza ibibazo byose . « Kurira gushobora kurari umuntu ni joro ariko mu gitondo uwaraye arira akavuza impundu ». (Zaburi 30 : 5 – 6)

*Ellen G. White yarandiise ati* : «*Guhangayika ntacyo bimarira nyirabyo kuko bidashobora kumubwira ahazaza he cyangwa ngo bimeze n'agasatsi kamwe ko ku mutwe (ahubwo biragapfura). Yesu wenyine niwe umenya itangiriro n'iherezo. Mu kigeragezo cyose afite inzira yasezeranye zo gutabaramo umuntu. Data wa twese uri mu Ijuru yaduteguriye inzira zirenga 1000 tutazi». Uwifuzwa ibihe byose, P.330.*

Dore inama ugirwa kugira ngo ushobore kwambukiranya ibigeragezo nta ngorane:

- Niba unezerewe, ririmba uhimbaze Imana : Icyo ni igitambo cy'ishimwe cy'uko uri amahoro nta , udahungabana (Yakobo 5:13 ).
- Niba ubabaye kandi ukaba ucogoye ndetse ubutwari bwawe bukagabanuka : ririmba, ntuzamenya igihe wagereye mu mbaraga kandi uwo munsi uzaba utambutse utaguhitanye ;
- Niba umuntu akwendereje akagusesereza cyane mbese ashaka ko murwana, jya uririmbira mu mutima ahasigaye witurize. Ndakumenyesha ko utazarangiza ibice bibiri no gusubiramo akiri aho. Ntibishoboka kuko Dayimoni umuvugiramo arahunga.

***Icyitonderwa*** *: Ntabwo umwana yemerewe na busa kuririmba igihe umubyeyi we cyangwa umurezi we amutonganiriza amakosa yakoze mu rwego rwo kumuhugura no kumukosora. Uyu mwana w'umusore cyangwa inkumi azaba agaragaje uburere buke no kutubaha umuntu abamukuriye mu gihe batangira kumubwira ibimwerekeye maze aho gutega amatwi no kwicisha bugufi ngo asabe imbabazi akaba yakwiha kuririmba. Uramenye ntuzitwaze iby'uburokore cyangwa ngo urakijijwe kandi uri* intumva n'intabwirwa. *Umubyeyi wawe cyangwa Umurezi wawe bahagarariye Imana niba utabumvira n'Imana ntuba uyumvira. N'iyo umubyeyi wawe cyangwa ukurera yaba atari umukristo, afite ubwenge n'ubunararibonye udafite kandi ukeneye inama ze. Uzirikane icyo Uhoraho avuga mw'itegeko rya gatanu ngo : «Wubahe So na Nyoko kugira ngo urame, uramire mu gihugu cy'Uwiteka Imana yawe iguha ». Niryo tegeko ryoyine ririmo n'isezerano (Kuva 20 :12).*

- Imenyereze kujya uririrmba indirimbo z'Ijuru zizakwihutisha muri uru rugendo kandi zikumare irungu. Naho ubundi, iby'iyi si ntukabyishinge. urebye nabi byagutesha umutwe. Nongere mbisubiremo niba ushaka gutsinda urugamba rw'ubu buzima bitakugoye ; imenyereze kuririmba maze uko Satani aguteye wigurukire mu mababa yo kwizera uhungire mu izina ry' Uwiteka ari wo Munara muremure abakiranutsi bahungiramo bagakomera (Imigani 18:10). Nyuma y'aho imiyaga nishira, uzigarukire mu buzima busanzwe.

## B. ICYO BIBILIYA IVUGA KU IMBARAGA IBONEKA MU NDIRIMBO

- Mu rugendo rwabo rwamaze imyaka 40 bari mu butayu, abisirayeli bafashijwe cyane n'indirimbo. Utazibagirana muri urwo rugendo ni Miriamu mushiki wa Mose wari umuririmbyikazi w'umunyempano akaba n'umuhimbyi w'amakorasi yuzuye ibihangano bya Mwuka. Soma Kuva 15

- Yeriko umujyi ukomeye wafashwe n'ingabo z'Abisirayeli nta mirwano ibaye, keretse ko bawugose barangiza bakaririmba. Ibikuta by'uwo mujyi byumvise urufaya rw'indirimbo byikubita hasi ntawe ubikozeho. Yosuwa wari uhari ni we uhamya ibyo (Yosuwa 6:20 ).

-Pawulo na Silasi baririmbye icyubahiro cy'Imana mu gicuku bari muri Gereza. Bari babiri gusa ariko barariririmbye ibyugi bya gereza nabyo byumvise indirimbo bishya ubwoba bihita byikingura naho iminyururu yari ibaboshye amaguru n'amaboko iradohoka igwa hasi. Pawulo wabihagazeho ni we uhamya ibyo (Ibyakozwe n'intumwa 16:25 )

-Vuba aha ubwo abera tuzaba dutashye iwacu hirya y'izuba, dore ko tuzahagenda iminsi irindwi ku wa munani tugasesekarayo, tuzagenda turirimba indirimbo z'urufaya turi kumwe n'amakorali y'abamalayika bazaba bagaragiye Yesu. Uru rugendo rw'iminsi ruboneka mu byahishuwe igice cya 8 :1 ahavuga iby'impanda ya karindwi n'iby'ituza ry'igice cy'isaha ya gihanuzi aho umunsi ungana n'umwaka, kandi umunsi ukaba usanzwe ugizwe n'amasaha 24. Niba 360 (umwaka) bingana na 24 (umunsi) ; ni ukuvuga ko isaha imwe ari 360 tugabanyije 24 ari byo bahwanye na 15. Igice cy'isaha ya gihanuzi urafata 15 ugabanye 2 ubone 7,5. Aha niho tuburungushura (arrondissememt) tukabona wa munsi wa munani Tuzasesekara mu rurembo y'ijuru. *Soma muri Ezekieli 4 :6 no mu Kubara 14 :34 :*

**Tekereza:** Niba amakaseti na za CD z'Indirimbo zihimbaza Imana zibasha gucogoza imyuka mibi y'abadayimoni ; byacura iki umwana w'umuntu aririmbye agahimbaza Umuremyi ariko akabikora mu mwuka wo kwicisha bugufi no kuramya ? Imana idufashe kugira ngo twasame na yo yuzuze akanwa kacu indirimbo. (Zaburi 81 : 10)

### *C. INDIRIMBO Z'UMWAMI YESU KRISTO*

Yesu Kristo ni umuririmbyi w'ikirenga ! ndetse ni nawe utanga impano yo kuririmba. Kuririmba rero kwa Yesu ntibitangaje kuko niba ari we wahaye mwene muntu kuri iyo mpano, we arabarusha kure.

Iyo Yesu yabaga afite agahinda kenda kumumena umutima abigishwa be bamwumvaga aririrmba, indirimbo zo mu Ijuru. Inshuro nyinshi yaririmbaga mu rwego rwo kwikomeza, arwanya gucogora, yirukana muri we ibyiyumviro bibi, ubundi akaba arimo guhimbaza Se. Iyo yahanikaga ngo wasanganga abigishwa be bamukikije batwawe n'injyana y'amajwi meza aryoheye amatwi barimo kwiyumvira igishyuhirane gitewe no kumva Imana-muntu ari kuririmba ku ndirimbo zo mw'ijuru. *(E.G.White, Gusabana n'Imana P 9)*.

Mu gitabo cye cyitwa *« Education/Uburezi » kw'ipaji y'166, G.White,* yagize ati : « Mu busore bwe, Yesu Kristo yifashishaga indirimbo mu rwego rwo guhangana n'ibigeragezo byababaga bimugose impande n'impande. Inshuro nyinshi iyo abantu bamubwiraga amagambo amukomeretsa umutima yuzuyemo ibitutsi no kumunnyega, iyo yabaga agoswe n'agahinda cyangwa ibyiyumviro bye byakamutsemo umunezero ; n'iyo yumvaga ubwoba bwatashye muri we acogoye cyane kandi atentebutse, ngo bajyaga kumva bakumva ateruye indirimbo y'umunezero n'ibyishimo agahanika kugeza igihe agarutse mu bihe bya ya mahoro yo mu mutima yahoranaga.(*Quand il se trouvait environne d'une atmosphere chargée de tristesse, de mécontentement, de méfiance ou de crainte, on l'entendait entonner un chant de foi et de joie sainte)*

Muri rya joro rikomeye ry'umubabaro, ari mugashyamba ka Getsemani ubwo yiteguraga gufatwa, agakorerwa ibya mfurambi agahondagurwa kandi akamanikwa k'umusaraba w'isoni yambitswe ubusa, Kristo Yesu yaraye aririmba indirimbo zo guhimbaza Se mu rwego rwo kwikomeza.

*Amagambo y'iyo ndirimbo ya Yesu ni aya akurikira :*

*« Izina ry'uwiteka rihimbazwe, uhereye none ukageza iteka ryose !*
*Uhereye ahw'izuba rirasira ukageza aho rirengera,*
*Izina ry'uwiteka rikwiriye gushimwa ! » Zaburi 113 :2-3.*
*« Nkundira Uwiteka kuko yumvise ijwi ryanjye no kwinginga kwanjye ;*
*Kuko yantegeye ugutwi ni cyo gituma nzajya mwambaza nkiriho.*
*Ingoyi z'urupfu zantaye hagati, uburibwe bw'ikuzimu bwaramfashe ;*
*Ngira ibyago n'umubabaro. Maze nambaza izina ry'Uwiteka nti :*
*Uwiteka ndakwinginze kiza ubugingo bwanjye !*
*Uwiteka ni umunyambabazi kandi ni umukiranutsi,*
*Ni koko Imana yacu igira ibambe, Uwiteka arinda aboroheje ;*
*Nacishijwe bugufi arankiza, Mutima wanjye,*
*Subira mu buruhukiro bwawe ; kuko Uwiteka yakugiriye neza.*
*Kuko wakijije ubugingo bwanjye urupfu,*
*Amaso yanjye ukayakiza amarira,*
*N'ibirenge byanjye ukabikiza kugwa ». (Zaburi 116 :1-8.)*

*Byanditswe na Ellen G.White, Education, P.167.*

## 7. UBUHAMYA BWA YOZEFU SIKIRIVENI (IRLANDE

Yozefu Sikiriveni (Scriven) ni umuririmbyi wabaye icyamamare wakomokaga mu gihugu cya Irlande mu mugabane w'Uburayi. Yahimbye indirimbo zagiye zifasha abakristo bo mu bihugu byinshi bitandukanye ndetse natwe ab'iki gihe tugikoresha muri gahunda zo kuramya no guhimbaza Imana. Imwe mu ndirimbo ze abantu benshi bakunda kandi igahumuriza abantu bari mu byago no mu makuba ni iyitwa «**Nta nshuti nziza nka Yesu**» cyangwa « Quel ami Fidèle » mu rurimi rw'igifaransa na « What a Friend I have in Jesus» mu rurimi rw'icyongereza. Iyo ndirimbo iboneka mu gitabo 'cy' Indirimbo zo Guhimbaza Imana cy' Itorero ry' Abadventisti b'Umunsi wa Karindwi *N°. 100 icy' igifaransa ni N°. 320 naho icy'icyongereza ikaba N°.499.*

**IMIBEREHO YA YOZEFU SCRIVEN.**

Yozefu Scriven ubwo yari amaze kuba umusore, yakundanye n'umukobwa maze basezerana kuzarwubakana bakabana akaramata. Gahunda zose zitegura ubukwe zarakozwe nk' uko zikurikirana, maze bigeze ku munsi w'ubukwe, Scriven yiteguye gushyingiranwa n'umukunzi we, inkuru y'inshamugongo imugeraho ko « fiancée » we amaze guhitanwa n'impanuka y'ubwato bwarohamye mu nyanja n'abamuherekeje !

Ku munsi w'ubukwe ntabwo Scriven yashyingiwe ahubwo ibirori byahindutse ikiriyo cyo gushyingura inshuti ye yakundaga cyane.

Muvandimwe usoma iyi nkuru ntabwo byoroshye gushyingura umugeni uri mu ikanzu ariko byarabaye kandi bizakomeza igihe cyose tukiri kuri iyi si. Hari igiye wibwira ko kuri iyi si ari wowe wahuye n'amakuba akomeye kurusha abandi ariko birashoboka ko nugira amahirwe yo kujya mu ijuru abandi bazatanga ubuhamya bw'ubuzima banyuzemo kandi bagatsinda

wowe wifate ku munwa. Yozefu yaje kuva muri Irilande ajya gushaka imibereho mu gihugu cya Kanada aho yagiye abona akazi bigoranye kandi nabwo agahabwa imirimo yo hasi n'igihembo cy'intica ntikize.

Muri icyo gihugu yaje kumenyana n'umukobwa mwiza kandi w'umukristokazi ufite imibereho y'icyitegererezo, maze baba inshuti ndetse bidatinze biyemeza kuzarwubakana. Igihe cyarageze itariki y'ubukwe iremezwa, impapuro z'ubutumire ziratangwa, ariko ubwo hari hasigaye iminsi micye cyane ngo ubukwe butahe, Satani kidobya yongeye kwivugana umugeni we wa kabiri azize urupfu rutunguranye kandi apfa mu cyumweru yari bushyingirwemo. Yosefu Sikiriveni yongeye guherekeza umurambo w'umugeni we bwa kabiri maze ibyo yari yiteguje ubukwe bwe bikoreshwa mu cyunamo !

Yegereje iherezo ry'ubuzima bwe, ubwo yari arwariye mu cyumba cye, ubuzima burimo kugenda bumucika buhoro buhoro, nibwo yahimbye iriya ndirimbo yise «Nta nshuti nziza nka Yesu», urupapuro rwayo arwomeka ku rukuta irnbere y' igitanda cye maze abaje kumusura akayibaririmbira. Ubwo abantu bamubazaga uwamufashije kuyihimba, kuko bahamije ko nta muntu wayihimba ari wenyine ukurikije ubwiza bwayo(amagambo ayigize, n'injyana yayo nziza iryoheye amatwi), yarabasubije ati : « Nijye na Yesu inshuti yanjye magara twayihimbanye kugira ngo izabe urwibutso n'ubuhamya bw'umubano twagiranye muri ubu buzima».

***<u>Impugukirwa</u>*** *: Nubwo Yozefu Sikiriveni yahuye na ziriya sanganya mu buzima bwe, yakomeje kuba umukristo ushikamye kandi witangira itorero n'umurimo w''Imana, aba umugisha ku bihumbi byinshi by'abantu bo mu gihe cye n'abazakomeza kuba ku isi kandi atabaruka nk'intwari inesheje imihati y'ubu buzima. Nubwo yapfuye ari ingaragu iba yonyine mu nzu, intwara-magambo za Satani zaramuhimbye amazina, yasize abwiye twebwe abazaba kuri iyi si ko igihe abantu batugize ruvumwa dukwiye kumenya icyo gukora : Kwisunga umwami Yesu utazaduhāna. (Zaburi 46 :)1.*

Muvandimwe urimo usoma iyi nyandiko, umuntu uhumeka umwuka wo mu mazuru ntazagukerereze. Ibizakubaho ntibizagukange, kuko utazaba ubaye uwa mbere cyangwa uwa nyuma. N'unapfa imva yawe izaba ipfundikiwe ariko iz'abandi zikinguye kandi zibategereje. Reka tumenye ko mu mateka ya gikristo, nta mukristo w'ukuri n'umwe wigeze akangwa n'ibihe uko byabaga byitwaye kose, ahubwo we yarabisumbaga kandi akabigenda hejuru. (Aucun chrétien n'a jamais été victime des circonstances).

Niyo mpamvu umukristo w' ukuri agereranywa na "**Thérmostat**" (icyuma kiba muri telemosi gituma ikintu kiyishyizwemo gishyushye gikomeza kugira ubushyuhe : Régulariser la température) mu gihe, ingirwa abakristo gito (bishushanya) bagereranywa na **"Thérmomètre**" (Igipimo kigenda cyerekana ubushyuhe kandi kikajya gihindagurika kizamuka ubundi kikamanuka ubundi kikajya hagati bitewe n'ibihe uko bimeze n'aho kiri gushyirwa) . Abakristo bameze nk'uducurama bahindagurika, batuma izina rya Yesu ritukwa mu bapagani kubera bo. Imana idufashe twese kandi ituvane mu ntege nke idushyire mu mbaraga.

***Ibaze*** *: Mbese ugereranywa na termosi cyangwa na terimometre?*

*Joseph Scriven atubere icyitegererezo kuko we aho kurira yararirimbye kandi bimuvana mu bihe bikomeye yagombaga kwambukiranya. Reka dufatanye na Joseph Scriven kuririmba indirimbo y'ubuzima bwe* :

**« NTA NSHUTI NZIZA NKA YESU ».**

1. ***Nta nshuti nziza nka Yesu, atsemba ibyaha byacu.***
   ***Namahirwe kumwizera kuko atwuzuza na Se.***
   ***lyo tubabaye rwose, dufite ishavu ryinshi,***
   ***Adusohoza ku Mana, yumva amaganya yacu.***

2. ***Nitugira ibyago byinshi, Tugatotezwa cyane,***
   ***Byoye kudutera ubwoba,Tumwiringire rwose;***
   ***Nta wundi wabidukiza, Abiduhemuraho.***
   ***Yes' azi intege nke zacu, Jya wisunga Uwitka.***

3. ***Nitugira ishavu ryinshi, Tukababara rwose,***
   ***Yesu niwe uturokora; Komeza umwirihgire.***
   ***Ni bakugira ruvumwa, Wisung' Umwami Yesu.***
   ***Ntazagira ubwo aguhana, jy' uhora umwizigiye.***

Dushimire Imana yatanze impano yo guhimba no kuririmba kuko ziriya mpano atari iza hano kw'isi ahubwo zavuye mu ijuru tuzihabwaho ngo mwene muntu akore uriya murimo mwiza unezeza Imana n'abantu iyo ukoranywe ubwitonzi no guca bugufi.

## *8. AMATEKA Y'INTUMWA ZA YESU N'IBYAZIRANZE*

"Igihe Imana itoranya abagabo n' abagore bazayikorera, ntibanza kubaza ko ari abakire mu by' isi , ko bafite amashuri ahambaye cyangwa se ko bazi kuvuga neza. Ahubwo irabaza iti: «**Mbese bagendana kwicisha bugufi kugira ngo mbigishe inzira zanjye? Mbese nashyira amagambo yanjye mu kanwa kabo? Mbese bazanyerekana nk' uko bikwiye? Imana ishobora gukoresha umuntù wese ubikwiriye igihe cyose ibasha gushyira umwuka wayo mu mutima we».** *( Rengera ubuzima. Vol I, P. 12* )

Yesu-Kristo rero, na We ni umwe na Se. Ajya gutoranya abigishwa be, ntiyabanzaga kureba niba umuntu ari mugufi cyangwa muremure, niba ari umukire cyangwa umukene, inzobe cyangwa igikara n’ibindi. Yahamagaye abantu b' inzego zose zitandukanye n’imico itari imwe maze abagira intumwa ze. Bamwe bari abarobyi b' amafi, abandi ari abategetsi (Basoresha), abandi ari abahinzi. Hano rero umuntu yakwibaza icyo Yesu yashingiragaho akora kuri urnwe ati «Nkurikira» nyamara undi akamucaho akamwihorera.

Ellen G.White yaranditse ati: «**Imana ntiha agaciro abagabo n' abagore kubera ubutunzi bwabo cyangwa se imyamya bafite, Ibaha agaciro ikurikije kubonera kw'ibitekerezo byabo n' ubwiza bw’imico yabo. Ireba uko Umwuka Wayo bafite ungana, n' uko imibereho yabo igaragaza ishusho yayo** ». (Rengera ubuzima, Vol. II, P 94).

Mu by' ukuri , iyo urebye imibereho y' abigishwa ba Yesu usanga yari iteye agahinda . Ndetse wakwibaza icyo Yesu yabaga yahereyeho abatoranya cyangwa icyo barushaga abandi kuko byagaragaye ko nabo batari bamusobanukiwe :

**Bimwe mu byaranze intumwa za Yesu mbere ya Pentekote :**

- Abo bagabo uko ari 12 bahoraga biteguye ko Mesiya wahanuwe acungura abisirayeli akuraho ingoma y' Abaroma yabakoronije maze agatangaza ko abaye Umwami w'icyo gihugu na bo bakaba ibyegera bye! Bari barigabanije za Minisiteri n'indi myanya ikomeye yo muri Guverinoma. **Yuda Iscariota** yarotaga kuzayobora **ministeri y'Imari n'igenamigambi** naho **Yohana** akarota kuzaba **Perezida w'urukiko rw'ikirenga**. **Petero** we yabonaga ari we uzagirwa **Minisitiri w'Intebe Matayo** we agashingwa **ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro** (Israel Revenue Authority) kandi akazajya agenzura na za Gasutamo cyane ko ari nabyo yakoraga atarakurikira Yesu. Ibinyabasazi nk'ibi ni byo byiberaga mu mitwe yabo kandi atari bo bonyine ahubwo no muri rubanda. Ibi bigaragazwa n'icyifuzo umubyeyi witwa **Salome** yagejeje kuri Kristo ari kumwe n'abahungu be **Yohana na Yakobo** nk'uko kiboneka muri Soma **Matayo 20 :20** no muri **Mariko 10 :35**.

Mu kibwirizwa cyo ku musozi kiboneka mu butumwa bwiza bwa Matayo 5 bari biringanije bazi ko ari bwo atangaza Guverinoma nshya maze s'ugutega amatwi barayandarika kugira ngo hatagira ijambo na rimwe ribacika, ariko baraheba (aka ya mvugo tutazi aho yaturutse idafite n'aho yanditse muri Bibiliya ngo "Matayo itanu muzumirwa" ) ; kandi koko barumiwe burya nta kabura imvano. Uwo munsi Kristo yibwiriye abari bateraniye aho **« Abahirwa abo ari bo »** arangije afunga icyigisho abantu basubiza amerwe mu isaho barataha. Nyuma y'aho bagerageje inshuro nyinshi kumwimika ku ngufu, ariko akabahunga.

## IMWE MU MICO Y'INTUMWA ZA YESU

- Uwitwa Yohana na mwene se bari barahimbwe bene Nkuba kubera amahane yabo. Bigeze gusaba Yesu ngo abahe uburenganzira bwo

kumanura umuriro wo gutwika abaturage b'umudugudu w'i Samaria kuko babimye icumbi. Isomo……

Harya umuntu utagucumbikiye uramutwikira? Mbega ba Rutwitsi na ba Kanyamahane !

- Uwitwa Filipo yigeze kubaza Yesu ati: Rwose, wazatweretse Data wa Twese uhora utubwira ko tutamuzi ? Yesu ati: Filipo n'igihe twabaniye ntunzi koko? Umbonye aba abonye Data. Filipo ntiyari asobanukiwe neza n'ihame ry'ubutatu bwera nk'uko natwe bitujijira keretse kubyizera. Isomo………

Ariko ubundi iyo abyemererwa, umunyabyaha wari ukiri mu ntege nke yari kureba Imana akabaho?

- Uwitwa Tomasi, we yari umwemeragato bikabije. Ntiyizeraga ko Yesu azazuka. Ubwo ku munsi wa gatatu (nyuma yo gupfa kwe) yiyerekaga abigishwa be Tomasi adahari, uyu mugabo yateje impaka mu ntumwa ngo kuzuka kwa Yesu ntibishoboka keretse namwibonera n'amaso ye kandi nabwo akareba n'inkovu aho bamuteye imisumari! Harya utemeraga ko Kristo ashobora kuzuka, ni we wari kuzasigara amuhamya? Kristo amwiyeretse yagombye kumwereka na za nkovu zose ariko aramubwira ati : « Hahirwa uwemera atabonye. » Ni nk'aho yamubwiye ati: « ndakugaye kuko wateje imvururu zitari ngombwa ». Isomo……
- Uwitwa Petero we yari igihubutsi akaba na Bavugirije wihuta mu magambo.Yamwihakanye gatatu kose ko ntaho amuzi nyamara yari yamusezeranije ko no mu rupfu rwe bazapfana! Petero uyu ku karimi, yabaga intwari kurusha abandi, ariko ku rugamba akaba ikigwari kurusha abandi. Mbese ujya ubabazwa n'uko ibyo usezeranira Yesu rimwe na rimwe bikunanira ? Guma ku birenge bya Yesu, umusabe imbaraga nk'uko

igihe cyageze na Petero agakurwa mu ntege nke akambikwa imbaraga z'indengakamere. Intambara turwana ntirwanishwa intwaro z'umubiri ahubwo irwanishwa amavi.

Harya muramwibuka atema amatwi y' umuja wari waje kwirebera uko bari gukubita Yesu? Ese ubundi kuki yari ahimbiwe kuri uwo, kandi ari abasirikari b'abaroma bakubitaga shebuja ? Umukristo w'ikigwari utazi gusenga no guhamagara mw'ijuru, atema amatwi kuko ari cyo ashoboye. Yesu yakosoye Petero asubizaho ugutwi kw'abandi yaraciye aramubwira ati subiza inkota mu rwubati kuko uwicisha inkota na we azayicishwa ?

- Uwitwa Yuda Iskariota waje no kumugambanira akamutanga ngo bamwice abasabye ibice by'ifeza mirongo itatu gusa! Icyababaje kuri Yuda nuko yaje no kwiyica atanihannye, yimanika ku mugozi yitura hasi arasandara ! Ya mafaranga ntiyariyeho na rimwe ; babuze icyo bayakoresha agurwamo irimbi kandi nabwo umurambo wa Yuda ntiwaritaha ng'urishyingurwemo kuko yariwe n'imbwa ! Uwifuzwa Ibihe Byose, P….

**Ibya Yuda Iskariyoti ni birebire ndetse ni agahinda gusa** :

- Icya mbere ni we mwigishwa Yesu atigeze abwira ngo **nkurikira**; ahubwo yaritoye kuko ari we wabyisabiye Yesu na we akabimwemerera. Luka 9 :57-58
- Icya kabiri, Yuda yari igisambo ; yahoraga yiba k'umutungo w'intumwa kuko ari we wawucungaga anashinzwe kubahahira. Yesu yamugiriraga ibanga ariko ymuhana biherereye aho kugira ngo abireke undi akarakara akabifata nko kwibasirwa. Uwifuzwa Ibihe Byose, P.611.
- Icya gatatu, Umwuka w'Ubuhanuzi uvuga ko Iyo yajyanaga n'izindi ntumwa mu rugendo rwo kubwiriza ubutumwa, cyangwa akagira undi murimo akora wo kwitanga, ngo yarihereraga ntawe umureba akisubiza

kandi akiha insimburamubyizi (Perdiem) ari byo gusubizwa ibyo ukorera ku munsi iyo wiriwe mu kwawe. Ibi rero birerekana ko nta kintu na kimwe Yuda yigeze atanga ku buntu kuko yisubizaga ingurane mw'ibanga ndetse hariho n'inyungu. Uwifuzwa Ibihe Byose, P.611.

Akabarore ku bakristo bihishe mw'itorero bakaba baryiba nka Yuda bariyimbire kuko nibatihana inzira zikigendwa bazagira amaherezo mabi nk'aya Yuda Iscariota wari uherutse gucirwa umugani na Yesu ko ugambanira umwana w'umuntu arutwa n'inda yavuyemo itarigeze ibona izuba. Isomo ………….

Mbese ibya Yuda ntibikwiriye kutwigisha twese ? Kuki wavutsa umuntu ubuzima bwe ushaka ibintu n'amafaranga ? **« Umuntu wirundanyaho ubutunzi bw'amahugu, ameze nk'inkware ibundikira amagi itateye. Ubwo butunzi buzamusiga agabanijemo kabiri iminsi yo kubaho kwe ; hanyuma azaba umupfapfa »** Yeremiya 17 :11.

## NTABWO ARI UKO WATANGIYE AHUBWO UKO WARANGIJE

Umuhanga wo muri Bibiliya witwa salomo yaravuze ngo « **Iherezo ry'ikintu riruta itangira ryacyo** ». Ibyo kandi ni ko biri ndetse hari n'imvugo y'igifaransa ivuga ngo « ***Tout est bien qui finit bien*** ». Nubwo nta cyiza twabonye kuri bariya bagabo 12, byagaragaye ko hari mw'itangira ryo guhamagarwa kwabo. Igihe cyarageze bahindurirwa amateka, baba intwari zanyeganyije isi kubera ubutumwa bwiza kandi bose bagira amaherezo meza basinzira nk'intwari ziguye ku rugamba kandi zizazukira guhabwa amakamba n'ingororano (uretse Yuda Iscariota wiyahuye bityo akazarimbuka kuko yakuyeho ubuzima atihaye ku bw'ikimwaro cy'ibyo yar'amaze gukorera umuziranenge). Urukundo bakunze Yesu wabagiriye icyizere akabatoranya, barumweretse babihamisha **gusinyisha amaraso yabo ko na bo bamukunda.** Nta wisaziye muri bo, ahubwo bose bishwe impfu zishishana, uretse Yohana Umuhishuzi babuze uko bagira kuko yatetswe mu ngunguru y'amavuta akanga gushya, yakooherwa mu bisimba bikanga kumurya, yakwicishwa inzara akagaburirwa n'ibikona bityo akagarurwa mu bantu.

**DORE MURI MAKE AMAHEREZO Y' INTUMWA ZA YESU**

1. **SIMONI PETERO:** Yari uw'i Betisida mu ntara ya Galileya.

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina Petero risobanura « ibuye , Stone». naho Simoni bigasobanura « Uwumva » (cyangwa Kumva :Hearing).

Uyu mugabo wari wubatse afite umugore nk'uko tubibona muri……. Yari uw'i Betaniya mu ntara ya Galileya. Kristo amuhamagara, yamusanganye n'umuvandimwe we Andereya aho barobaga amafi mu nyanja ya Galileya

maze aramubwira ati : « nkurikira nzakugira umurobyi w'abantu » undi ahera ubwo asiga ubwato bwe aramukurikira. Matayo 4 :18-20.

Nyina umubyara yitwaga « Yowanna naho Ise umubyara akitwa « Yona » (ariko utari wawundi w' umuhanuzi watumwe i Niniwe).

**Amaherezo ye**: Petero yishwe n'abaroma ku ngoma y'umwami Nero mu mwaka wa 67 AD[1]. Yapfuye abambwe acuritse (umutwe uri hasi amaguru ari hejuru) biturutse ku cyifuzo cye kuko yabibonaga nk'icyubahiro kimurenze kubambwa nk'umwami we Yesu akunda kandi yubaha. Abaroma baherako bamukorera ibyo yisabiye ariko bumiwe. P.67.

## 2. ANDEREYA.

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina Andereya bisobanura « Ukuze (mu bitekerezo) cyangwa Virilité. Kimwe n'umuvandimwe we Petero, yari uw'i Betisida ho muri Galileya. Yakoraga umurimo wo kuroba amafi. Yahamagawe na Yesu ari kumwe na Petero bari mu kazi k'umwuga wabo, baherako basiga inshundura zabo n'ubwato baramukurikira Matayo 4 :18-20.

**Amaherezo ye** : Andereya yiciwe i Patras (hagati y'Uburusiya n'Ubugereki) mu mujyi wa Achaia yicishijwe n'umwami waho witwa « Aaegaas/Aigeatis» wabanje kumwingingira kwihakana Kristo kugira ngo aticwa akamuhakanira. Yishwe mu mwaka wa 69AD abambwe ku musaraba aho yamaze iminsi itatu amanitswe, ari muzima kandi ahamiriza Yesu ku bazaga kumushungera anogoka ku munsi wa gatatu. Uyu mwami w'umugome (84) yategetse ko bamuboha batamuteye imisumari kugira ngo azababare igihe kirekire gishoboka. P.63. Amagambo ye ya nyuma ni aya akurikira :

Nyakira Yesu Kristo, uwo niboneye, uwo nkunda kandi nkaba ndi muri We, Akira umwuka wanjye kugira ngo nduhukire mu mahoro yawe. (85). Umukristo waitwa Maximilla ni we wajyanye umurambo we ajya kuwushyingura.

## 3. YAKOBO (Mwene Zebedayo):

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina Yakobo bisobanura umuriganya cyangwa umubeshyi. Yakobo uyu atandukanye na yakobo wo mu isezerano rya kera

---

***[1] A.D ni impinamagambo y'ikilatini ivuga « Anno Domini » aribyo bisobanura mu gihe cya Yesu cyangwa nyuma ya Kristo, N.K) ikinyuranyuranyo cyayo ni B.C impinamagambo y'icyongereza « Before Christ », M.K cyangwa mbere ya Krsto.***

wakomotsweho waje guhindurirwa izina akitwa « Israeli » akanakomokwaho n'abisraeli.
Yavukiye …. akaba yari mukuru wa Yohana ukundwa. Aba basore bombi bari ab'i Galileya, ise ubabyara yitwaga « Zebedayo » naho nyina akitwa « Salome », ushobora kuba yarafitanye isano ya bugufi na Bikira Mariya nyina wa Yesu. Yakobo na murumuna we Yohana bivugwa ko bari ibyamamare n'abakire ku cyambu cy'inyanja y'i Galileya kubera ikampani (Campany cyangwa sosioyete y'ubucuruzi) ikora iby'uburobyi bakaba bari banafite amato menshi yabo bwite. Kubera amahane y'aba basore, abantu bari barabahimbye « Bene nkuba ».

**Amaherezo ye :** Yakobo uyu, ni we wishwe mbere y'intumwa zose, apfa ateraguwe ibyuma (inkota) kw'itegeko ry'Umwami Herode Agripa wa I mu mwaka wa 44AD. Reba Ibyakozwe n'Intumwa 12 :12 ??? P.89

**4. YOHANA :**

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina Yohana risobanura ngo « Uwiteka yagize ubuntu cg Uhoraho agira ubuntu » rikaba ryaratanzwe na Malayika Gaburieli kugira ngo rizahabwe umuhungu wa Zakariya na Elisabeti wagombaga kuzaba integuza ya Yesu ari we Yohana Mubatiza. ***Luka 1 :13-15***

Yohana uyu we yari umuvandimwe wa Yakobo, bombi bakaba bene Zebedayo na Salome, bakaba bari barahimbwe Bene Nkuba kubera amahane yabo. Ibuka uburyo bahaye Yesu igitekerezo cyo gusaba Se kumanura umuriro ngo batwike abanyasamaria kuko babimye icumbi.. Marko 3 :17 ; n'uburyo bagiye kuregera Yesu babonye undi muntu ubwiriza ibya Yesu kandi batamuzi. Kristo yongera kubakosora ababwira ati umuntu wigisha ibyanjye ntabwo aturwanya ahubwo na we ni uwacu. Soma………

**Amaherezo ye** : Ni we wenyine wapfuye azize urw' ikirago cyangwa uburwayi

butewe no gusaza cyane kuko yagejeje mu mwaka w'ijana nyuma ya Kristo. Imana yemereye Satani n'abayoboke be guhitana ubuzima bw'abigishwa atari uko inaniwe kubakiza ahubwo kuko imfu zabo zihanishaga ibihumbi n'ibihumbi by'abakurikiranaga ayo mateka y'uburyo bubiri (ubutwari bw'abantu ba Kristo, n'ubugome bw'abo mw'idini ya Satani). Ni cyo cyatumye yerekanira imbaraga zayo kuri Yohana kugira ngo ribe n'itangazo rya gasopo kuri izo nkoramaraso ribereka ko hari umurongo ntarengwa kandi ko « Ndiho » ari We ugenzura byose : Umwami witwa Domitiano yari aherutse kumucanira mu ngunguru y'amavuta kugira ngo ahinduka inyama maze baracanira karahava ! Ntiyahiye na busa habe n'umuriro cyangwa amavuta ngo amufateho barumirwa. Nibwo bagiye kumwoheera ku cyirwa cya Patimos ngo azaribwe n'inyamaswa cyangwa ahicirwe n'inzara nabwo Imana ikajya yohereza ibikona bimugemurira ibyo kurya nabwo barumirwa. Yagarutse muri Efeso aho yandikiye inzandiko eshatu za Yohana kugeza ubwo yasinziriye (peacefully) akuze cyane.

**5. FILIPO :**

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina Filipo bisobanura « ugenda ku mafarashi cyangwa ukunda amafarashi : Lover of Horses». Yari uw'i Bethesaida Yoh 1 :43. Filipo uyu ni we wazanye Nathanaeli kuri Yesu amubwiye ati : »Twabonye Mesiya » Yoh 1 :4. Nk'uwari warabanye n'abagiriki cyane, yagiye azana abagiriki benshi kuri Yesu nabo bamwemera nk'umukiza wabo Yohana 12 :20-32…

**Amaherezo ye** : Yiciwe ahitwa Hierapolis muri Turikiya y'iki gihe (p.124) bamumanitse ku giti cy'umusaraba hanyuma bamuhundagazaho amabuye kugeza apfuye. Ibyo byakozwe n'abatambyi b'ikigirwamana cy'inzoka nini cyane abo muri uwo mujyi basengaga kandi bakayitura amaturo. Filipo arebye ubwo buhumyi n'ubujiji yahise ategeka mw'izina rya Yesu icyo kiyoka cyasengwaga bayoberwa aho kizimiriye kirabura. Ni cyo cyatumye abatambyi b'icyo kiyoka babura akazi kuko kizimiye bamasha kwihorera. Bakimutera amabuye, yarabababariye, arabasengera, kandi asaba Yesu kwakira ubugingo bwe.

**6.BARITOROMAYO**

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina « Bar » bisobanura « Mwene » bikaba bisobanura Mwene Tolimai. Uwitwa Elias w'i Damasiko wabayeho mu

kinyejana cya cyenda nyuma ya Kristo, ni we wabaye uwambere mu kwerekana ko Baritolomayo ari we Nathanaeli tubona muri Yohana 1 :45. Ntabwo aria bantu babiri rero.

Nk'uko Filipo ari we wabwiye Nathanaeli ko babonye Mesiya undi na we akajya ku mureba, bakomeje kuba inshuti cyane no mu murimo w ;ivugabutumwa bakundaga kujyana ku buryo ab'i Hierapolis bica Filipo na Nathanael ari we Baritoromayo bari kumwe ndetse na we bagombaga kumwica abanyura mu myanya y'intoki baramubura. Yahise ajya kuvuga ubutumwa muri Armenia ashingayo amatorero, ajya muri Albana mu cyahoze ari ubusovieti.

**Amaherezo ye** : Yiciwe i Derbend muri Armenia bamwunnyeho uruhu (kuruharura), amaze guhinduka inyama nsa bamubamba bamucuritse na we (head downward) aguma atyo kugeza ashizemo umwuka. Hari mu mwaka wa 68AD. (133).

**7.THOMAS :**

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina Thomas mu rurimi rw'ikinyaramaya ni « te omā » naho mu rurimi rw'ikigereki ni Dydyme ari byo bisobanura « Impanga, Jumeau cyangwa Twin ». Abahanga mu mateka y'iyobokamana ntibashoboye kumenya neza uwo bavukanye, ariko bamwe bakeka ko yaba yaravukanaga n'umukobwa witwa « LYSIA » (ISBE, P.2973). Thomas yakomokaga i Galileya kandi na we yakoraga umwuga w'uburobyi bw'amafi. Guhamagarwa kwe kuboneka muri Matayo 10 :3 no muri Luka 6 :15. Thomas azwi nk'umugabo wari umwemeragato, wabazaga ibibazo byinshi bigaragaza ukutizera ku buryo na n'ubu umuntu utajya yemera icyo bamubwiye ; cyangwa uhora ashidikanya bamwita Thomas. Uyu mugabo wigeze kubwira Yesu ko atazi aho shebuja ajya ndetse akaba atazi n'inzira (Yohana 14 :5) ndetse yanazuka agateza akavuyo n'impaka mu bigishwa ahakana ko adashobora kwemera ko Yesu ari we wazutse ngo keretse yamwiboneye n'amaso ye kandi nabwo akareba ko afite inkovu mu biganza bye (Yohana 20 :25) igihe cyarageze avamo umuhamya wa Kristo wagenze amahanga atabarika, akora ibimenyetso

n'ibitangaza ku buryo ukuyemo Petero na Yohana nta wundi wabaye icyamamare nka we. By'umwihariko Thomas yabaye intumwa yo mu gihugu cy'Ubuhinde (Apostle of India).

**Ibidasanzwe kuri Thomas** : Uyu mugabo yibereye i Yerusalemu, yumvise intumwa z'abanya Siriya zavugaga ko zishaka umwubatsi kabuhariwe (Architect) bajyana mu Buhinde kubakira umwami waho witwa Gondaphares ingoro y'akataraboneka ikwiriye umwami nka we. Thomas yurira ubwato nk'ujyanywe no kubaka iyo ngoro ; hari nko mu mwaka wa 52 A.D. Agezeyo, amaze guhabwa amafranga n'uwo mwami w'umuhinde, Thomas ayiguriramo ibibanza binyuranye maze abyubakamo insengero z'Uwiteka ari nako akora amateraniro y'ivugabutumwa ndetse andi ayafashisha abakene n'imbabare! Gondaphares ahamagye Thomas ngo amumurikire ingoro ya cyami nk'uko amasezerano ari, asubiza umwami nta mbebya ko ingoro ye atayubatse mw'isi ahubwo yamaze kuyubaka mw'ijuru akaba akwiye kwakira umwami Yesu kugira ngo azayituremo.

Bahise bamuta muri gereza maze ubwo bari bategereje kumukanira urumukwiye, murumuna w'uwo mwami witwa Gad ararwara ndetse aba nk'upfuye ajya muri comma ariko ku bw'igitangaza cy'Imana asa n'uzutse maze abatekerereza ibyo yabonye n'aho yar'ari : Ababwira ko yari yajyanywe mw'ijuru aho yabonyeyo ingoro nziza cyane yubatsweyo kandi akabwira ko ari iyabo maze bahita bamenya ko ya ntumwa y'amahoro atari umutekamutwe ko, ahubwo yasohoje amasezerano ye nk'uko ari icyakora ahantu hatandukanye. Umwami yahise amufunguza, arihana ahinduka umkristo kandi abatizanywa n'umuryango we.

**Amaherezo ye**: Thomas yahereye ubwo yihatira kwigisha no guhindura abami

n'abatware bo mu Buhinde cyane cyane abitwa ABABRAHIMINS (bo mu miryango ya cyami bakaba n'abatambyi b'idini ya Hindouism isenga inka).Ababrahimini babonye idini yabo igiye gusenyuka kubwo kubura abayoboke, biyemeje kwica Thomas maze bagaba igitero kijya kumushakisha baramutangatanga bamutera amacumu kugeza apfuye aho bari bamusanze ku musozi arimo gusenga. Uwo musozi yiciweho bahise bawumwitirira kugeza na n'ubu witwa « Saint Thomas cyangwa Mutagatifu Thomas ».
Uherereye ahitwa « Mylapore » mu gihugu cy'Ubuhinde. (160)

### 9. LEWI-MATAYO :

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina Lewi bisobanura « kwomatana / Attachement » naho Matayo bigasobanura « Impano y'Uwiteka ». Iri zina Matayo yaba yararihawe na Yesu amaze kuba umwigishwa we kimwe na Simoni Yesu yahise yita Petero maze ayo mazina yombi akaba ayabo.

Matayo uyu yavaga ind'imwe na Yakobo mutoya bombi bakaba bari abana ba Alufayo. Mariko 2 :14 ; Matayo 10 :3. Matayo uyu yari umusoresha (Custom Officer) i Kaperinaumu mu ntara yayoborwaga na Herod Antipas. Kuba yri mw'itsinda ry'abitwa « Portitores bakorana n'aba Publicani", abakozi b'abaroma bashinzwe imisoro, yangwaga n'abayuda bene wabo kandi bakamufata nk'ingambanyi ikorana n'abanyamahanga bababakolonirije igihugu. Ubwo Kristo Yesu yamusangaga mu Biro bye ari mu mafaranga na "Quittances' akamubwira ati nkurikira, yahereyeko atanga ibikoresho by'akazi akurikira Yesu. Bidatinze, ni we wari wateguye ibirori byo kwakira Yesu iwe maze agatumira abakoresha b'ikoro, ba Rujigo n'abakozi ba za gasutamo bakakiranywa na Yesu, igikorwa cyarakaje abayuda cyane bakarega Kristo ko yicarana n'abanyabyaha agasangira na bo. Kristo yarabasubije ati :Abarwayi ni bo bakeneye umuganga ntabwo ari abazima ; naje kubw'abanyabyaha sinaje kubw'abakiranutsi (Matayo 9 :11-12)

**Umurimo yakoze**: Yakunze kubwiriza abayuda bene wabo kandi yihatira

kubumvusha uburyo Yesu yari we Mesiya wasezeranywe kandi bari bategereje. Cyakora nyuma ya Pentecote na we yasohotse Palestine ajya guhamya Yesu mu bihugu binyuranye ari byo Egiputa na Etiyopiya muri Afrika. Yazuye umwana w'umwami wa Egiputa, kandi akiza ibibembe umukobwa w'uwo mwami witwa « iphigenia ». Yabaye muri Egiputa imyaka igera kuri 23.

Iyo dusomye igitekerezo cy'inkone y'umunyetiyopiya Filipo yabatirije mu butayu, amateka avuga ko iriya nkone (wari Ministiri w'intebe muri Etiyopiya) yari yarabwirijwe na Matayo ndetse amuha Bibliya, gusa akaba yarasomaga bimwe akabura ubimusobanurira. Filipo rero si we wamubwiye Yesu bwa mbere cyangwa ngw'amuhe Ijambo ry'Imana, ni umurimo wa Matayo. Ikindi kimuvugwaho nuko mu mafunguro ye atakoreshaga inyama cyangwa ibindi bikomoka ku matungo. Yari umu « Vegetarian ». (Clemennt d'Alexandrie, The Miscellanies, 4, 9)

**Amaherezo ye** : Urupfu rwa Matayo ruvugwa mu buryo bwinshi butandukanye bamwe babanje kuvuga ko yazize urw'ikirago ntawe umwishe, abandi bakavuga ko yaciwe igihanga, ariko amakuru y'impamo n'uko yicishijwe inkota, ateragurwa ibyuma kugeza apfuye. HARI KU NGOMA Y'UMWAMI DOMITIANO.(180).

## 10. YAKOBO, (Mwene Alufayo)

Banamwitaga Yakobo muto (**James the Less**) kuko yakobo mukuru yari wa wundi wavaga ind'imwe na Yohana bene Zebedayo, abana b'inkuba. Uyu musore yavaga ind'imwe na Lewi-Matayo ise akaba yari Alufayo naho nyina akaba yaritwaga Mariya wundi utari nyina wa Yesu ntabe na Mariya Magadalena ahubwo muka Keleopa (Cleophas) abahanga mu bya Biblia basanga ari na we Alphaeus cyangwa Alufayo (ni izina rimwe).

Yakobo ntiyigeze ahuza na mukuru we Matayo wifatanyije n'abaroma akaba

umukozi wabo usoresha ; mu gihe undi we yagiye mu mutwe witwa aba « zelotes » agatsiko k'insoresore z'abayuda kari karigometse k'ubutegetsi bw'abaroma ndetse kagaharanira kwigobotora iyo ngoma gakoeresheje urugomo rw'uburyo bwose, imvururu, no kumena amaraso. (184). Ntawe uzi neza aho Yesu yahuriye bwa mbere na Yakobo cg matayo ariko abahamagara ntibwari ubwa mbere (dore ko bari bafitanye amasano ya bugufi na Yesu ahubwo cyari igihe cyabo cyo kwitaba umuhamagaro.

**Ibidasanzwe Kuri Yakobo Mwene Alufayo :**

Yakobo uyu ngo yari umusore mwiza ufite uburanga, n'igihagararo wenda gusa na Yesu kuburyo iyo babaga bari kumwe byababaga bigoye kubatandukanya. Ubanza ari nayo mpamvu Yuda Iscariota yagombye kuvuga ko bakwiye kwitegereza uwo aza gusoma ko ari we Yesu hato badafata utari we kuko bajyaga gusa. Ibi kandi bishobora kugira ishingiro (kugira abana basa) kuko Mariya nyina wa Yesu yari mubyara wa Mariya nyina wa Yakobo, umugore wa Alufayo. P.192.

**Amaherezo ye** : Yakobo yapfuye yicishijwe amabuye n'abayuda bene wabo bamuziza guhamya Yesu. (Budge, Contendings of the Apostles II, E.A. P.264-266). 193.

## 11. YUDA TADEYO :

**Ubusobanuro bw'izina rye** : Izina **Yuda** bisobanura ngo « ***Imana Ihimbazwe*** » ; naho izina Tadeyo (Thaddaeus) bigasobanura « **umugabo ukunda** / Man of heart ». Iri zina naryo ryakunze gutera urujijo kuko hari ba Yuda batatu bavugwa muri Bibliya : Yuda Iscariota wagambaniye Yesu ; Yuda, umuvandimwe wa Yesu hakaba na Yuda Tadeyo wari umuhungu wa Yakobo mukuru, umwuzukuru wa Zebedayo akaba na mwishywa wa Yohana intumwa. 196. Kimwe na bagenzi be na we yari uw'i Kapernaumu aho yari atunzwe

n'uburobyi mbere y'uko ahamagarwa. Yuda ni we wabajije ikibazo cya nyuma mbere yo kubambwa kwe nk'uko tukibona muri Yohana 14 :22 yesu akamuha igisubizo muri Yohana 14 :23.

**Umurimo yakoze** :

Yuda (Thadeo) azwiho kuba intumwa yabimburiye abandi kujya kuvuga ubutumwa mu mahanga (hanze ya Palestina) ; yageze mu gihugu cya Armenia muri 43-66 A.D yamamaza ubutumwa maze abanyarmenia bakira Yesu ari benshi cyane. Ahamaze imyaka 17 muri 60 A.D nibwo Barutolomayo yahamusanze maze maze bafatanya umurimo kugeza ubwo batandukanyijwe n'urupfu. Barutolomayo yicirwa i Derbend muri icyo gihugu mu mwaka wa 68 AD.

**Amaherezo ye**: Ubwo yari mu rugendo rw'ivugabutumwa yabwirije i Samaria, Edessa, Mesopotamia, nyuma akomereza muri Persia ari yo IRANI y'iki gihe aho abanya persia bamwiciye bamurashe imyambi bakoresheje imiheto kugeza apfuye. P.202.

**SIMON UMUNYAKANANI ARIWE ZELOTI:**

**YUDA ISCARIOTA** : Yarimanitse nk'uko twabibonye haruguru

- Uwitwa Yuda Iskariota waje no kumugambanira akamutanga ngo bamwice abasabye ibice by'ifeza mirongo itatu gusa! Icyababaje kuri Yuda nuko yaje no kwiyica atanihannye, yimanika ku mugozi yitura hasi arasandara ! Ya mafaranga ntiyariyeho na rimwe ; babuze icyo bayakoresha agurwamo irimbi kandi nabwo umurambo wa Yuda ntiwaritaha ng'urishyingurwemo kuko yariwe n'imbwa ! Uwifuzwa Ibihe Byose, P….

**Ibya Yuda Iskariyoti ni birebire ndetse ni agahinda gusa** :

- Icya mbere ni we mwigishwa Yesu atigeze abwira ngo **nkurikira**; ahubwo yaritoye kuko ari we wabyisabiye Yesu na we akabimwemerera. Luka 9 :57-58
- Icya kabiri, Yuda yari igisambo ; yahoraga yiba k'umutungo w'intumwa kuko ari we wawucungaga anashinzwe kubahahira. Yesu yamugiriraga ibanga ariko ymuhana biherereye aho kugira ngo abireke undi akarakara akabifata nko kwibasirwa. Uwifuzwa Ibihe Byose, P.611.
- Icya gatatu, Umwuka w'Ubuhanuzi uvuga ko Iyo yajyanaga n'izindi ntumwa mu rugendo rwo kubwiriza ubutumwa, cyangwa akagira undi murimo akora wo kwitanga, ngo yarihereraga ntawe umureba akisubiza kandi akiha insimburamubyizi (Perdiem) ari byo gusubizwa ibyo ukorera ku munsi iyo wiriwe mu kwawe. Ibi rero birerekana ko nta kintu na kimwe Yuda yigeze atanga ku buntu kuko yisubizaga ingurane mw'ibanga ndetse hariho n'inyungu. Uwifuzwa Ibihe Byose, P.611.

Akabarore ku bakristo bihishe mw'itorero bakaba baryiba nka Yuda bariyimbire kuko nibatihana inzira zikigendwa bazagira amaherezo mabi nk'aya Yuda Iscariota wari uherutse gucirwa umugani na Yesu ko ugambanira umwana w'umuntu arutwa n'inda yavuyemo itarigeze ibona izuba. Isomo …………..

Mbese ibya Yuda ntibikwiriye kutwigisha twese ? Kuki wavutsa umuntu ubuzima bwe ushaka ibintu n'amafaranga ? « **Umuntu wirundanyaho**

**ubutunzi bw'amahugu, ameze nk'inkware ibundikira amagi itateye. Ubwo butunzi buzamusiga agabanijemo kabiri iminsi yo kubaho kwe ; hanyuma azaba umupfapfa »** Yeremiya 17 :11.

MATTHIAS

SIMON CANAANITE

LAZARUS

PAUL